

**ITORERO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI**

**YUNYONI Y'U RWANDA (RUM)**

**IMINSI CUMI Y'AMASENGESHO**

**ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**



**8 – 18 Mutarama 2025**

**TURI MU BIHE BIDASANZWE KU ISI  
REKA NATWE TUBE ABADASANZWE  
DUKORE MU BURYO BUDASANZWE**

## Itangiriro

Mbifurije ikaze mu Minsi Cumi y'Amasengesho 2025! Twizera tudashidikanya ko mu masengesho ariho haturuka ububyutse. Imana yagiye ikora ibitangaza byinshi mu myaka yashize nk'uko twabibonye mu masengesho yo gusenga no kwiwiriza. Umwuka Wera yatumye twihana, atuma twongera kugira ishyaka ryo kuvuga ubutumwa, avugurura amatorero kandi avugurura n'imibanire yacu. Ubu ni bumwe mu buhamya bwatanzwe mu byabaye umwaka ushize:

*“Mu gihe cy’Iminsi Icumi y’Amasengesho y’uyu mwaka, Imana Ishoborabyose yakoze ibitangaza byinshi cyane.... Mu gace kamwe k’abaturanyi ba rimwe mu matorero yacu, hashize imyaka igera hafi kuri ibiri nta muriro w’amashanyarazi uhari.... Ku bw’ibyo, mu gihe cy’Iminsi Icumi y’Amasengesho iherutse kuba, pasteri w’iryo itorero yahumekewe n’Imana, maze asaba abizera b’ iryo itorero kujya basenga buri gitondo kugira ngo umuriro w’amashanyarazi wongere ugaruke. Ku bw’icyubahiro cy’Imana, iryo sengesho ririmo rirasubizwa. (P.C.O)*

*[Mu gihe cy’Iminsi Cumi y’Amasengesho] abagize umukumbi bongeye kugaragaza ubwitange, ishyaka, umwete n’umutima utaryarya. Njye ku giti cyanjye, nasanze ari isoko yongera imbaraga, ndetse bigaragara cyane cyane mu ijoro ryo gusenga risoza icyi cyumweru! Dukeneye ibindi bihe byiza nk’ibi bidushyira hafi y’ibirenge bya Yesu. (E.A.)*

*Umuhati wange mu gusoma Ibyanditse no gufata igihe gihagije cyo gusenga ntabwo wari uhamye mbere. Nyuma y’Iminsi Cumi y’Amasengesho nahinduye rwose imyumvire yange y’ibijyanye no gusenga. Natangiye kujya mfata umwanya uhagije wo gusenga, nsingiza Imana, nsengera abandi, kandi nsoma Ibyanditswe. Nari mfite ikibazo cy’ umuvuduko w’amaraso wari hejuru, ariko kuva icyo gihe byaragabanutse. Ndashimira Ishoborabyose. (H.R.)*

*[Mu gihe cy’Iminsi Cumi y’Amasengesho, buri wese yasenze asabira mushiki wacu wari ufite ikizamini cy’akazi.] Yahawe ako kazi —ako kazi kari gakeneye umuntu ufite impamyabumenyi z’ikirenga ariko ni we wahawe ako kazi. [Dutangazwa] n’ibyo Imana Ikora, nyuma y’imyaka myinshi yo guhangana n’ibibazo no gutegereza. Ni inshuro zingahe twasenze? Ntidusobora kuzibara. Ndashaka gushishikariza buri wese gukomeza gusenga kuko amasengesho yacu atazigera aba imfabusa nitwizera. (L.B.)*

Ese ijwi ry’Imana ryaba riguhamagarira kugira ububuyutse? Bibiliya yuzuyemo amasezerano yawe:

“Maze abantu banjye bitirirwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindikira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mwijuru mbabarire ibicumuro byabo, mbakirize igihugu.” (2 Ibyo ku Ngoma 7:14).

“Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose” (Yeremiya 29:13).

“Kandi umuntu wese uzambaza izina ry’Uwiteka azakizwa” (Yoweli 3:5/2:32).

“Mwegere Imana na Yo izabegera” (Yakobo 4:8).

“Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire” (Ibyahishuwe 3:20).

Aho waba uri hose muri ubu buzima, aka kanya Imana iri kumwe nawe kurenza uko ubitekereza. Irashaka gusesekaza imigisha ku muryango wawe, ku itorerero ryawe, mu baturanyi bawe, ndetse no mu batuye isi yose!

### **INSANGANYAMATSIKO Y’AMASENGESHO: ARIKO IGIHE MUSENGA...**

Uyu mwaka ibyigisho byacu bya buri muni byateguwe na Dr. Pavel Goia (Paveli Goya), umwanditsi w’ikinyamakuru cyitwa *Ubugabura*. Akoresha inkuru zo mu murimo we bwite kugira ngo asobanure Isengesho ry’Umwami Wacu ndetse n’izindi nyigisho za Yesu. Mukurikirane uburyo ahishura ibisobanuro byimbitse n’ibisobanuro byo mu buryo bw’Umwuka by’imirongo isanzwe imenyereye cyane. “Kubaha” izina ry’Imana bisobanura iki? Ubwami bw’Imana busa bute hano ku isi? Ni gute kubabarira abandi bishobora guhindura umubano wacu n’Imana? Ese Imana ijya ijyana abantu mu moshya?

Waba umaze igihe kirekire usenga cyangwa umaze iminsi mike usenga, ibi byigisho byuzuyemo inkuru bizakangura intekerezo zawe bitume wumva ko ukeneye kandi wifuzaga guhura na Yesu mu gihe upfukamye buri muni. Ujye usoma ubwitayeho kandi Bibiliya yawe uyigumisha hafi yawe. Kandi niba bishoboka, shaka itsinda ry’abizera muzajya musengana muri icyi gihe cy’iminsi icumi. Aho ababiri cyangwa abatatu bateraniye mu izina rya Yesu, ibitangaza bizahaba!

## **Amabwiriza afasha mu gihe cyo gusenga**

- Gira amasengesho magufi – interuro imwe cyangwa ebyiri kuri buri ngingo. Kandi uhe abandi umwanya. Ushobora gusenga inshuro zose wifuza, nkuko ubikora uganira.
- Ntukagire ubwoba bw’ umutuzo, kuko biha buri wese umwanya uhagije wo gushyikirana na Mwuka Wera.
- Kuririmbira hamwe muyobowe na Mwuka Wera ni umugisha ukomeye, si ngombwa ibikoresho kuko amajwi yonyine ahagije
- Aho gutakaza umwanya uri kuvuga ibyifuzo bijya mw’ isengesho, bisengere. Kuko n’abandi bashobora gusengera ibyifuzo byawe ndetse n’amasezerano.

## **Kwibutsa amasezerano**

Ni inyungu zacu kwibutsa amasezerano y’Imana mu masengesho. Amategeko yayo yose ni amasezerano yadusezeranyije. Nta na rimwe Imana yadusaba ibitari mu gushaka kwayo.

Biroroshye kwita ku byifuzo byacu, ibidukomereye, ndetse n’ ibiduhangayikisha – kwinubira no kuririra ubuzima tubayeho igihe turi gusenga. Iyi siyo ntego y’ isengesho. Isengesho rigenewe gukomeza ukwizera kwacu. Niyo mpamvu tugushishikariza kwibutsa amasezerano y’ Imana mu gihe uri gusenga. Humiriza maze wirengagize ibiguhangayikishije byose, umutima uwerekeze kuri Yesu kuko kumugira bituma twibona mw’ ishusho ye.

Ellen White abidushishikariza agira ati: “Buri sezerano rigize ijamba ry’Imana ni iryacu. Igihe urimo gusenga garagaza icyizere mw’ ijamba rya Yehova ndetse no kwizerera mu masezerano ye. Ijamba rye ni ubwishingizi usaba wizewe, kuko uzahabwa umugisha. Komeza usabe kuko uzahabwa ibiruta ibyo wasabye n’ibyo utekereza (*In Heavenly Places*, p. 71).

**Ni gute wakwibutsa amasezerano?** Urugero nk’igihe uri gusengera kubona amahoro, ubisaba ukoresheje Yohana 14:27 maze uvuge uti: “Mbasigiye amahoro yanjye ndayabahaye icyakora simbaha nkuko ab’isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitye.” Mpa amahoro nk’ayo wadusezeranyije ko uzadusigira. Shima Imana kubw’ amahoro iguhaye, nubwo utahita uyabona ako kanya.

## **Kwiyiriza**

Turabashishikariza kwiyiriza nkuko Daniyeli yabikoze muri iyi minsi icumi. Gutangira umwaka usenga kandi wiyiriza ni uburyo bwiza bwo kwegurira ubuzima bwacu Imana mu mwaka utangiye. Ellen White agira ati: "Kuva ubu ukageza ku iherezo ry'igihe, abantu b'Imana bakwiriye kurushaho kugira umwete, bakarushaho kuba maso, bakwiriye kwirinda kwiringira ubwenge bwabo bwite, ahubwo bakiringira ubwenge bw'Umuyobozi wabo. Bakwiriye kugira iminsi yihariye yo kwiyiriza ubusa no gusenga. Ntibasabwa kureka burundu kurya, ahubwo bakwiriye gukoresha mu rugero ibyo kurya byoroheje cyane kurusha ibindi kandi biboneye (*Inama ku Mirire n'Ibyokurya*, p. 195).

Tuzi ibya Daniel wariye imbuto n'imboga mu gihe cy'iminsi icumi. Natwe turakurarikira kuzafata igaburo ryoroheje muri iki gihe cy'iminsi icumi y'amasengesho. Niba dushaka ubwenge busobanutse bwo kumva neza icyo Imana idushakaho kandi niba dushaka kwegerana n'Imana biruseho, dukeneye kumenya neza ko imirire yacu itatubangamira.

Kwiyiriza ubusa ntabwo ari ukwirinda ibyo kurya gusa. Urararikirwa kandi kwiyiriza ubusa utareba TV, firime, imikino yo muri mudasobwa ndetse n'imbuga nkoranya mbaga. Rimwe na rimwe, ibintu bitari bibi byo ubwabyo bishobora kudutwara umwanya munini w'igihe cyacu. Shyira ku ruhande ibintu byose bishoboka bijya bigutwara igihe kugira ngo ubone igihe gihagije cyo gusabana n'Imana.

Kwiyiriza ntabwo ari inzira ya bugufi yo kubona ibitangaza. Ahubwo kwiyiriza ni inzira yo kwicisha bugufi imbere y'Imana kugirango ibashe kudukoresha no kudukoreramo. Reka twiyegereze Imana binyuze mu kwiyiriza no gusenga, kandi na Yo Izatwiyegereza.

## **Mwuka Wera**

Izere neza ko usaba Mwuka Wera kugira ngo akwereke icyo ugomba gusengera mu buzima bw'umuntu cyangwa mu gihe runaka. Bibiliya itubwira ko tutazi uburyo bwo gusenga kandi ko Mwuka Wera ari We udusabira.

“Ntitugomba gupfa gusaba mu izina rya Yesu gusa, ahubwo tugomba gusaba twuzuye Mwuka Muziranenge, kuko Umwuka ubwe “ari we udusabira, aniha iminiho itavugwa” (Abaroma 8:26). Iyo dusenze mu izina rya Kristo dushishikaye kandi twizeye, hakurikiraho gusohozwa kwa ya ndahiro y’Imana yo kuduha ibyo dukeneye. “Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n’ibyo twibwira byose nk’uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo (Abefeso 3:20) ” (*Imigani ya Kristo*, p. 68).

### **Kwizera**

Dusoma mu mwuka w'ubuhanuzi ko "Gusenga no kwizera bibasha gukora ibitabasha gukorwa n'imbaraga iyo ariyo yose yo ku isi" (*Rengeru Ubuzima*, p. 110). Tubwirwa ko "Kandi dusaba guhabwa impano iyo ariyo yose Imana yasezeranye. Tumaze gusaba ibyo, tugomba kwizera ko tubihawe, bityo tugashimira Imana ko twabihawe" (*Uburezi*, p. 269). Gira akamenyero ko kujya ushimira Imana hakiri kare igihe ufite kwizera kw'ibyo Imana igiye kugukorera n'uburyo igiye gusubiza amasengesho yawe.

### **Gusengera Abandi**

Muri iyi minsi icumi turagushishikariza gusengera abantu Imana yashyize mu mibereho yawe. Hitamo abantu batanu cyangwa barindwi – bashobora kuba abavandimwe, incuti, abo mukorana, abaturanyi ndetse n'abo muziranye. Fata umwanya usabe Imana uwo wasengera. Yisabe kubagira umutwari mu maso yawe kugirango ukomeze kubasengera. Andika amazina yabo ku gapapuro maze ukabike ahantu hatekanye nko muri Bibiliya yawe. Uzatangazwa n'ukuntu Imana izasubiza amasengesho.

### **Gahunda y'Iminsi Cumi y'Amasengesho**

Yesu ntabwo adukangurira gusenga gusa anadusaba no kugira ibyo dufasha abatuzegurutse. “Kuko nari nshonje mukamfungurira, nari mfite inyota mumpa icyo kunywa, nari umushyitsi murancumbikira, nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, narindi munzu y'imbohe muza kundeba.” (Matayo 25:35, 36).

Mu gitabo cyitwa *Rengeru Ubuzima* handitse ngo, “Tugomba kubaho imibereho y’uburyo bubiri – imibereho yo gutekereza no gukora, imibereho yo gusenga bucece no gukorana umwete.” (p. 512). Umukiza wacu yadukunze urukundo rwishi cyane, kandi dufite amahirwe yo gusagira urwo rukundo n’incuti, abavandimwe, ndetse n’abanyamahanga barukeneye.

Saba Imana ngo ikumenyeshe wowe n’itorero usengeramo uburyo wakoresha bwo gufasha abandi nyuma y’iminsi icumi y’amasengesho. Mu gihe ukora kugira ngo utegure gahunda y’imirimo, irinde kugira ngo iyo gahunda itakurangaza ikakubuza gusenga. “Imbaraga z’umuntu ku giti cye mu gufasha abandi zigomba kubanzirizwa n’ibanga ryo gusenga. Kuko bisaba ubwenge bukomeye bwo gusobanukirwa n’ubumenyi bwo gukiza ubugingo. Mbere yo kuvugana n’abantu, banza usabane na Kristo. Ku ntebe y’ubuntu bwo mu ijuru urahakomora imyiteguro myiza yo gukora umurimo wo gufasha abantu”. (*Prayer*, p. 313).

Muri gahunda y’iminsi icumi y’amasengesho iboneka kuri murandasi, ushobora kuhabona ibyigisho byuzuye ibitekerezo byubaka. Yesu arakuririka kugira ngo umubere ibiganza n’ibirenge mu gufasha abatuye iyi si bakeneye ubufasha.

### **Ibirebana n’Umwanditsi**

Pavel Goia, DMin, ni umuvugabutumwa wabyerejwe, umwigisha mu ruhame, akaba n’umwanditsi. Yatangiye umurimo wo kubwiriza mu gihugu akomokamo cya Rumaniya. Pavel n’umugore we mwiza, Daniela, hamwe n’abahungu babo babiri, bimukiye muri Leta zunze Ubumwe za Amerika, kugira ngo Pavel akomeze amasomo ye mu murimo w’Ubugabura. Yabonye kuzuzwa mu kuba umupasteri w’amatorero menshi muri Rumaniya no muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, kandi yazengurutse isi yose abwiriza ku byerekeye isengesho n’izindi nyigisho. Amateka ye yavuzweho mu gitabo cyitwa, *Igitangaza kimwe nyuma y’ikindi: Inkuru ya Pavel Goia* ndetse ni n’umwanditsi w’ibinyamakuru byinshi hamwe n’igitabo cyitwa, *Mu Mwuka no mu Mbaraga*. Pavel ubu ni umunyamabanga wungirije w’Icyiciro cy’Ubugabura mu Nteko Nkuru Rusange y’Abadiventisti b’Umunsi wa Karindwi ndetse ni n’umwanditsi mukuru w’Ikinyamakuru cyitwa *Ubugabura*, Ikinyamakuru mpuzamahanga cy’Abapasteri ku isi hose. Yishimira kumarana igihe gihagije n’umugore we akunda cyane, Daniela, n’abahungu babo babiri, n’abuzukuru babo bane, ndetse n’imbwa ye akunda cyane.

Ibyigisho by'Iminsi Cumi y'Amasengesho byateguwe n'Icyiciro cy'Ubugabura cy'Inteko Nkuru y'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi ku Isi.

Uretse ahavuzwe ibitandukanye, amasomo yakoreshejwe mu ntangiriro no mu Mfashanyigisho y'Umusomyi yakuwe muri Bibiliya Yera.

Mu byigisho bya buri munsi, amasomo yakoreshejwe hafi ya yose yakuwe muri Bibiliya Yera.

## **IBYIFUZO BY'AMASENGESHO Y'AMATORERO YO KW'ISI HOSE**

- Mwami, reka muri twe habeho ububyutse butuma tubasha guhagarara mu kuri mvajuru
- Turasengera umudendezo w'itorero ku isi yose. Mwami, dufungurire imiryango y'isi kugirango tubashe kwamamaza Ijambo ryawe.
- Mwami, reka itorero ryawe ryakire umuhamagaro wo kwamamaza ubutuma bw'Abamalayika batatu muri buri gihugu na buri bwoko. Twereke urufatiro rw'izo nyigisho rushingiye ku rukundo n'ukuri kwa Yesu Kristo.
- Mwami, reka Abadiventisiti bari kw'isi hose barangurure bavuga ngo "Niyemeje Kugenda" maze bakire umuhamagaro wo kugukorera no kwamamaza inkuru nziza y'agakiza.
- Turasengera ubwenge bwo gushaka, gusobanukirwa, no gukurikiza Bibiliya y'Umwami Imana. Twigishe gusaranganya inyigisho z'ukuri kandi tubashe kuzamamaza mu bandi.
- Mana, vugurura kwizera kwacu kwerekeye amabwiriza y'ijuru aboneka mu nyandiko za Ellen White.
- Turasengera imvura ya Mwuka Wera kugirango akomeze kwizera kwacu kandi adushoboze gusoza umurimo Imana yadushinze mbere yo Kugaruka kwe.



- Mana, turasabira abazahajwe n'icyorezo cya COVID-19 ngo babashe gukira rwose kandi babone imbabazi zawe.
- Turasengera abaganga ndetse n'abandi bari mu bikorwa byo kwita ku buzima, abayobozi, kubw'ubwenge n'ubushishozi wabahaye kugira ngo bafate ibyemezo biboneye.
- Turasengera Abadiventisiti bari kw'isi yose batanga ubufasha bw'amaboko ndetse n'izindi nkunga ku bababaye. Duhe umuhate, ukwitanga ndetse n'impuhwe zo gufasha abaturanyi mu gihe badukeneye
- Turasengera abakeneshejwe no kubura imirimo bitewe na gahunda za Guma mu rugo.
- Mana, ereka abagize itorero uko bafasha abari guhangana n'ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe ndetse no kwigunga.
- Turasengera abapasiteri ndetse n'abakuru b'amatorero ngo babone uburyo bwo gukomeza gusura no kubana n'abizera b'itorero mu bihe tugezemo. Mana, huriza hamwe itorero ryawe mu mwuka wo kukuramya.
- Turasengera ububyutse mu rubyiruko rw'Abadiventisiti biga muri za Kaminuza n'amashuri makuru kw'isi yose. Komeza kubaha imbaraga zo guhagararira Kristo.
- Turasengera abagize 69% by'abatuye isi bataramenya inkuru nziza ya Yesu.
- Turasengera abarenga miliyoni 62 batuye mu mijyi 28 iri ahantu hagoye kubageraho mu migi y'icyahoze ari Repubulika z'Abasoviyeti.
- Turagusaba Mana ngo uhagurutse Abamisiyoneri bitangira gukorera mu matsinda 746 ari mu bihugu 20 biherereye mu Burasirazuba bwo Hagati.
- Turasengera Abadiventisiti barimo guhura n'itotezwa cyangwa bari mu nzu z'imbohe bazira ukwizera kwabo.
- Turasengera abagera kuri miliyoni 202 baherereye mu duce 41 turi mu Majyepfo ya Aziya-Pasifika bataramenya Yesu.

- Turasengera icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato n'Ubutabazi kuri buri torero mu murimo wo kumenya gahunda y'Imana no kugera ku bantu benshi binyuze mu bikorwa by'urukundo, ibyigisho bya Bibiliya, n'ubuhamya bw'abizera.
- Turasengera ikigo cya ADRA gishinzwe gutanga ubufasha ku isi yose
- Turasengera abarenga miliyoni 16 batuye mu duce 6 duherereye mu Majyepfo ya Pasifika aho bigoye kubageraho.
- Turasenga ngo Mwuka Wera adufashe kumenya uko twagera ku bagera kuri miliyoni 406 batuye mu duce 105 tugoye kugerwamo, turi muri Pasifika y'Amajyaruguru.
- Mana, ha umugisha Abadiventisiti bose babwiriza ubutumwa bwiza muri za gereza.
- Mana, turasengera abigisha bose b'Ishuri ryo ku Isabato. Ubamenyeshe akamaro k'umurimo bakorera abana bawe.
- Mwami, turasaba ubuyobozi bwawe ngo bwigaragaze mu bigo by'urubyiruko ndetse no muri gahunda z'icyiciro cy'imibereho myiza kw'isi hose.
- Turasenga kugirango udufashe kugaragariza ineza n'urukundo abashyitsi basura amatorero yacu.
- Mwami, fasha itorero ryawe mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga n'ibitangazamakuru hirya no hino ku isi Turagusaba ngo Mwuka Wera ayobore abantu babikurikira mu kuri kwa Bibiliya.
- Mana, turasaba uburinzi bwawe ku bamisiyoneri bakorera mu bice bidafite umutekano.
- Turagusaba kongerera imbaraga abigisha Ibyanditswe, abanyeshuri b'abakorerabushake, abanditsi, abanyamakuru, ndetse n'abaterankunga bafasha mu kwamamaza Ubutumwa bwiza butanga icyizere n'ubuzima.
- Turasengera amashuri y'Abadiventisiti, abanyeshuri, ndetse n'abarimu bari kw'isi hose. Reka aya mashuri akomeze kwigisha ukuri kwa Bibiliya kandi ayobore urubyiruko mu murimo ndetse no kongera umubano wabo n'Imana.

- Mana, duhe ubwenge bwo kumenya gufasha ababaswe n'imigenzo n'imico itandukanye n'ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Reka Mwuka Wera asenye inkuta zigose imitima yabo.
- Tubashishe kugera ku bantu babaswe no gusenga imyuka, ibishushanyo, n'indi migenzo ya kinyamaswa. Dufashe mu kuyobora amahitamo yabo no kubereka Umukiza.
- Mana, shoboza Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bari kw'isi yose gusenga cyane. Twigishe kwakira amasezerano yawe kandi twizere ko ubasha gukuraho imisozi igihe tugusenga.
- Turasengera amatsinda y'abantu 541 aherereye mu bihugu 18 bya Diviziyo y'Afurika y'Epfo n'ibirwa byo mu Nyanja y'Ubuhande. Ubayobore mu nzira y'ukuri kwa Bibiliya.
- Twereke uko twafasha impunzi mu buryo bw'umubiri cyangwa ubw'umwuka. Reka itorero ryawe rimenyekanire ku rukundo rikunda abantu bose rititaye ku nkomoko yabo.
- Turasaba kongerera imbaraga z'umurimo amatsinda 806 y'abantu batuye mu bihugu 20 by'Uburayi ngo babashe gushinga amatorero.
- Turasaba kongerera imbaraga z'umurimo amatsinda 948 y'abantu batuye mu bihugu 38 biri ku mugabane wa Amerika.
- Dushoboze kugaragaza urukundo rwa Yesu ngo rube intandaro y'ibyo twizera.
- Turasabira gahunda yo gutegurwa kw'abakorera bushake bo kugeza ubutumwa ku matsinda y'abantu 70 aherereye muri Filidi ya Isiraheli.
- Turasaba gutegura abamisiyoneri b'abaganga bo guhanga amatorero mu matsinda 830 yo mu bihugu 11 byo muri Diviziyo ya Afurika y'Uburasirazuba no Hagati.
- Turasaba imbaraga ituma haboneka intwari z'amasengesho muri Diviziyo y'Amajyepfo ya Aziya.
- Reka imiryango yacu igaragaze urukundo rwawe mu ngo zacu no mu baturanyi. Turagusaba kuzana amahoro mu miryango no mu ngo zacu, usane imibanire yangiritse, urinde abanyanteye nke ihohoterwa, kandi wigaragarize abataye icyizere.

- Turasengera abana bacu. Ubashoboze guhagarara bashikamye mu gihe bahura n'ibigeragezo. Bafashe kugira amahitamo aboneye kandi yuzuye ukuri.
- Twigishe gukurikira urugero rwiza rwa Yesu rwo kwitanga mu gusohoza ibyifuzo bya bagenzi bacu batwegereye. Duhe ubushobozi bwo gukora nk'abaganga b'abamisiyoneri, abakorerabushake, ndetse n'inshuti ku bakeneye gufashwa.
- Turasengera abayobozi b'urubyiruko kw'isi hose bari gutanga umurage w'ahazaza: kugera ikirenge mu cya Kristo, kwita ku murimo w'Imana, n'ubuyobozi mw'itorero.
- Shoboza abizera bacu, abagabura bacu, n'abayobozi b'itorero kw'isi hose kugabura Ijambo ryawe buri muni. Dushoboze kugushaka mu isengesho rya buri muni. Utwibutse ko tutagufite ntacyo twakwigezaho.

## ARIKO IGIHE MUSENGA . . .

### UMUNSI WA MBERE – MUGUME MURI JYE

“Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite” (Yohana 15:5).

#### **Kugirana Umuyoboro Uhoraho—Igisabwa cy’Ingenzi kugira ngo Habeho Imbuto**

Maze guhabwa impamyabumenyi, nahamagawe mu ntara yari igizwe n’amatorero atatu mato. Hari mu gihe cy’imbeho. Rimwe muri ayo matorero ryari rifite abizera benshi bageze mu za bukuru. Ku Isabato imwe iyo byagendaga neza, urugero nk’iyo byabaga ari gahunda ya Noheli, twagiraga abizera bagera kuri 40. Iyo ku Isabato imwe byagendaga nabi, bageraga mu 10.

Ku Isabato imwe hari haramutse hakonje, turi ku gipimo cy’ubukonje bwa dogere  $-35.56^{\circ}\text{C}$  ( $-32^{\circ}\text{F}$ ), hanyuma abantu icyenda baba ari bo baza gusenga: umuryango wange wari ugizwe n’abantu bane, hamwe n’undi muryango wari ugizwe n’abantu batanu. Naribajije nti, *Ese ubu koko nkwiriye kubwiriza?* Umukuru w’Itorero mukuru w’iryo torero, akaba yari umugore wari mu kigero cy’imyaka 90, avuga ati, “Dutanga icyacumi, bityo rero mugomba kubwiriza. “Nanjye ubwo narabwirije.”

Nabwirije ikibwirizwa gishingiye ku magambo yo muri Yohana 15:4–8. Mu mirongo ine, Yesu yasubiyemo inshuro eshatu aya magambo “Mugume muri Jye”. Mu muco w’Abaheburayo, ikintu cyasubiwemo ishuro eshatu kiba ari ingenzi cyane, ndetse ari icy’agaciro. Nabasobanuriye ko mu buzima bwa Gikristu, si kubw’ibikorwa *dukora*. Mu gihe twahamagariwe gukora umurimo, ntituzigera tugera ku ntego ku bw’imbaraga zacu gusa. Ariko, Yesu yadusezeraniye ko nituguma muri We, icyo tuzasaba cyose, tuzagihabwa. Nta gushidikanya kurimo, ni icyizere cy’ijana ku ijana cyo kubona intsinzi.

“Bityo, Nabwiye abari banteze amatwi nti, “Ntabwo ari ibyo tubasha gukora bituma habaho impinduka, ahubwo ni ibyo *Imana* ibasha gukora.”

Umwanditsi Ellen G. White agira ati, “Ubushobozi mufite muri iki gihe, cyangwa ubwo muzagira, si bwo buzabageza ku ntsinzi. Ahubwo bizaterwa n’ibyo Umwami Imana azabakorera. Dukwiriye

gushyira icyizere gike mu byo abantu bashobora gukora, maze icyizere cyinshi tukagishyira mu byo Imana ishobora gukorera umutima wizeye.” (*Umurimo wa Gikristo*, p. 244).

Nabwiye itorerero ryange rito ko isengesho “ari ibanga ry’imbaraga zo mu buryo bwa mwuka” (*Isengesho*, p.12). Riduhuza na “ny’iri’Isoko y’imbaraga” (*Isengesho*, p. 272). Isengesho ritubashisha kubona imigisha y’Imana “y’Ibyo dukeneye byose” (*Kugana Yesu*, p. 47). Ni yo ntwaro nziza kurusha izindi zose yo kurwanya ibitero bya satani (*Ibihamya by’Itorerero*, umuzingo wa 1, pp. 258, 259, 298).

Nababwiye iby’isezerano Yesu yatanze muri Matayo 18:19, 20. “Kandi ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru. Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, nanjye mba ndi hagati yabo.” Ntabwo iyi mirongo ivuga ko “aho abantu 200 cyangwa 300 basaba” ahubwo ivuga ko “aho 2 cyangwa 3 basaba” icyintu cyose mu bwumvikane, mu bumwe. Iyi mirongo kandi ntivuga ngo “Nshobora kugikora” ahubwo ivuga mu buryo busobanutse neza ngo “*Nzagikora.*”

Nabwiye iryo tsinda ryange rito ryari rinteze amatwi nti, “Nta mahitamo dufite yo kutagira icyo dukora. Tugomba gusenga ndetse tugakorana umwete, maze Imana izatanga ibisubizo nk’uko yabisezeranye.” Cyari ikibwirizwa gikomeye cyigisha ku mbaraga z’isengesho.

Igihe jye n’umugore wange twari mu modoka dutaha, naramubwiye nti, “Dukeneye kwimuka. Nta cyizere cy’iterambere cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose kiri muri iri torero.” Yansubiriyemo ikibwirizwa cyange, cyavugaga ku isezerano rya Yesu, maze aransaba ati, “Kuki utahamagara abizera bawe kuza mukagira igihe cyo gusenga?” Nabikoze mfite gushidikanya. Abo bagore bake barazaga buri gitondo sa kumi n’ebiri n’igice gusengera hamwe basaba guhabwa Mwuka Wera, basengera gukura kw’itorero, basengera imiryango, umugi wabo, umugambi w’Imana ku itorerero ryacu, ndetse no gusobanukirwa neza ibyo twagombaga gukora. Nyuma y’amezi atatu, umubare w’abitabiraga mu itorerero waje kugera ku 120.

Imana iraguhamagarira kuguma muri yo buri gihe, gusenga ubudasiba, kutazigera ucika intege, kandi ukagendana na Yo. Irakurarikira kuguma muri Yo, kandi nawe ugomba kuyirarikira kuguma muri wowe buri muni. Ni yo soko yawe yonyine y’imbaraga nyakuri. Ni bwo bwishingizi bwawe.

Igihe cyose ukomeje kugirana umushyikirano n’Imana, Satani nta bubasha aba agufiteho. Kristo muri wowe, nawe muri We, ni yo nzira yonyine yo gukura no gutsinda.

Mureke dusengere hamwe.

### **Igihe cyo Gusenga (Iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashyize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w’amasengesho y’ikiganiro (nk’amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n’amasomo yo mu Byanditswe nk’uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n’ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw’ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw’isi.*

### **Ijambo ry’Imana Dusengera – Yohana 15:5**

“Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.”

### **“Mugume muri Jye nange Ngume muri Mwe”**

*Yesu, twigishe uko twaguma muri wowe buri muni. Tutari kumwe nawe, tumeze nk’amashami yapfuye yatandukanyijwe n’umuzabibu utanga ubugingo. Gendana natwe, korera muri twe, vugira muri twe. Turagusabye ngo uture mu mitima yacu maze ukunde isi binyuze muri twe.*

### **“Muzera imbuto nyinshi”**

*Mwami, tuzi y’uko gukiranuka kose guturuka kuri Wowe. Eza imbuto za Mwuka mu mibereho yacu. Twuzuze urukundo rwawe, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza,*

*gukiranuka, kugwa neza, ndetse no kwirinda. Reka imibereho yacu yerekane Kamere yawe itagira inenge kuri buri wese duhura nawe.*

**“Kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite”**

*Mwami, gukiranuka kwacu kumeze nk’ubushwambagara bufite ibizinga. Twica amasezerano yacu, Tugirira nabi abanzi bacu, kandi tugahemukira abo dukunda. Tutagufite, ntacyo twakwishoboza kandi twayoba inzira. Dukeneye urukundo Rwawe, kwihangana Kwawe, n’ubuntu Bwawe mu mitima yacu buri muni. Tugumishe iruhande rwawe.*

**Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

**Kuyobora:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzego z’itorero ku isi (reba urutonde rw’ibyifuzo byo gusengerwa byatanzwe).

**Ibyifuzo by’Aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

**Indirimbo zizifashishwa:**

1. Ungumane (#29)
2. Nd’Uwawe, Mwami (#130)



3. Ndi Mu Murima (#236)

4. Shaka Gutungana (#28)

## **ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**

### **UMUNSI WA KABIRI – TWIGISHE GUSENGA**

“Nuko ari ahantu hamwe asenga, arangije umwe mu bigishwa be aramubwira ati “Databuja, twigishe gusenga” (Luka 11:1).

#### **Umutima w’Ubuzima bwa Gikristo**

Amasengesho ni ngombwa ndetse ni ingenzi cyane.

“Buri gitondo, ujye ufata igihe cyo gusenga mbere yo gutangira imirimo yawe. Ntugatekereze ko ari igihe cyatakaye; ni igihe kizabaho by’iteka ryose. Ibi bisobanuye ko uzahabwa kuneshya ndetse n’intsinzi mu buryo bwa Mwuka” (*Testimonies for the Church, vol.7, p. 194*).

Abigishwa kenshi babaye abahamya biboneye Yesu ubwo yabaga asenga. Babonye ko yari afite imibereho isenga itandukanye n’iyabo, Abigishwa bari abantu beza mu bya Mwuka. Bari bafite imitima yiyeguriye Imana kandi bifuzaga kuyikorera. Barateranaga mu rusengeru, bakubahiriza Isabato, bagakiranuka mu kugarura icyacumi, kandi bakarya ibyokurya bitanduye. Abantu bose bo muri Isiraheli, cyane cyane abigishwa, bari bazi gusenga, si byo se?

Twibwira ko tuzi gusenga. Yewe, ndetse n’abana bazi gusenga. Ariko igihe abigishwa bitegerezaga Yesu arimo gusenga—bakagereranya amasengesho yabo n’aye —bamenye ko batazi gusenga. Ni yo mpamvu bavuze bati, “Twigishe gusenga” (Luka 11:1).

Dutekereza ko gusenga ari ibintu byoroshye. Kandi ni byo koko, Imana yumva n’isengesho ryoroheje cyane. Ariko kandi, tugomba gukomeza kunoza imibereho yacu yo gusenga.

Abigishwa babonaga ko babasha kubwiriza, ariko nta muntu n’umwe watangazwaga nabyo. Bageragezaga gukiza indwara cyangwa kwirukana abadayimoni, ariko nta mbaraga bari bafite. Babajije Yesu bati, “Ibyo Ubikora Ute? Yesu yarabashubije ati, “Ni mu gusenga no kwiwiriza ubusa.”

Mu by'ukuri, Yesu avuga ko ntacyo wakwibashisha mu bwenge bwawe; ahubwo ni mu mbaraga z'Imana gusa. Kugira ngo ubashe kubona intsinzi, ugomba gusenga ushyizeho umwete. Mu gitabo cy'Abaroma, Pawulo avuga ko Mwuka Wera agomba kudasabira, kuko tutazi uko dukwiriye gusenga (Rom.8:26).

“Isengesho ni umwuka w'ubugingo. Ni ibanga ry'imbaraga z'Umwuka.... Niwirengagiza gukoresha isengesho, cyangwa ugasenga mu buryo bujenjetse, uko ubonye bikoroheye, uzatakaza umushyikirano ufitanye n'Imana” (*Isengesho*, pp. 12, 13).

Yesu yarangwaga n'imibereho isenga yuzuye imbaraga, kandi inshuro nyinshi yararaga ijoro ryose asenga. “Yesu akiri mw isi yasengaga kenshi.... Ni we cyitegererezo cyacu mu bintu byose.... Kuko yenz'akamero k'umuntu ni cyo cyatumaga yiyumvamo ko guseng'ari ngombga, ndetse kw ar'amahirw'amuhesh'umugisha. Gushyikirana na Se kwamuzanirag'ihumure n'umunezero bitavugwa. Yemwe, Umukiza w'abantu, ari we Mwana w'Imana, ko yumvag'akwiriye gusenga, nkanswe twebg'abanyantegenke b'abanyabyaha bapfa” (*Kugana Yesu*, pp. 46).

Isengesho ni ryo Yesu Yashyiraga mu mwanya wa mbere, mbere y'uko umunsi utangira. “Nuko mu museke arabyuka, arasohoka ajya mu butayu asengerayo” (Mariko 1:35). Yesu yagiraga igihe cyo gusenga n'ahantu yasengeraga.

Igihe abigishwaga be bamubwiraga bati, “Twigishe gusenga,” Yesu ntiyigeze ababwira ngo, “musenge muri aya magambo,” nk'aho ari amagambo y'umuvumo. Ahubwo, Yababwiye neza ko nibasenga badakwiye kuvuga amagambo bayasubiramo (Mat.6:7). Yesu ubwe yasenze isengesho ritandukanye n'iryo muri Yohana 17, bitewe n'ibyari bikenewe muri icyo gihe.

“Gusenga n'ukugururir'Imana umutima, nk'uko twashyikirana n'inshutimagara” (*Kugana Yesu*, p.46). Mu gusenga, twugururira Imana umutima wacu nta buryarya, nk'uko umuntu avugana n'undi. Niba igihe cyose usenga usubiramo amagambo amwe, bishobora kukubera akamenyero kandi ntiwite ku byo uvuga.

Gusenga no kwiga Ijambo bigomba kujyana buri gihe. Binyuze mu isengesho tuvugana n'Imana; binyuze mu Ijambo Imana, Imana Iratuvugisha.

Yesu yabayeho imibereho irangwa no gusenga. Yasengaga kare mu gitondo, akajya ahantu hihariye ho gusengera, kandi akaganira n’Imana mu buryo bweruye. Ni we cyitegererezo cyacu. Araduhamagarira gusenga nka we.

Mureke dusengere hamwe.

### **Igihe cyo Gusenga (Iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashya hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w’amasengesho y’ikiganiro (nk’amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n’amasomo yo mu Byanditswe nk’uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n’ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw’ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw’isi.*

### **Ijambo ry’Imana Dusengera – Luka 11:1**

“Nuko ari ahantu hamwe asenga, arangije umwe mu bigishwa be aramubwira ati ‘Databuja, twigishe gusenga.’”

### **“Yesu yarari ahantu hamwe asenga”**

*Data, twigishe gusenga nka Yesu. Twemeye ko twajyaga dushaka impamvu z’urwitwazo, tukagira ibyo duhugiraho kandi tukagira akazi kenshi. Dufashe guhitamo igihe cyiza n’ahantu heza ho guhurira nawe buri muni. Hindura ibyo dushyira mu mwanya wa mbere, kandi uturememo imico mishya ituyobora iruhande rwawe.*

### **“Databuja, twigishe gusenga”**

*Ni byo, Mwami, twigishe gusenga nk’uko wabyigishije abigishwa. Turagushimiye kubw’urugero rwiza watweretse rw’Isengesho ry’Umwami Wacu. Twereke uburyo twahindura amasengesho yacu ndetse n’imibereho yacu mu cyitegererezo cyawe. Twuzuze Umwuka Wera, kandi ukoreshe*

*amasengesho yacu kugira ngo uhindure ingo zacu, itorero ryacu, abaturanyi bacu, ndetse n'ubwami bwawe.*

### **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

**Kuyobora:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi (reba urutonde rw'ibyifuzo byo gusengerwa byatanzwe).

**Ibyifuzo by'Aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zizifashishwa:**

1. Gihe Cyiza Cyo Gusenga (#89)
2. Twumvire Mwami (#246)
3. Nta Nshuti Nziza Nka Yesu (#100)
4. Hanga Amaso Umukiza (#221)

## **ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**

### **UMUNSI WA GATATU – GUSHA KU NGINGO**

“Namwe nimusenga, ntimukavuge amagambo muyasubiramo hatu na hatu nk'uko abapagani bagira, bibwira ko kuvuga amagambo menshi ari byo bituma bumvirwa. Nuko ntimugase na bo, kuko So azi ibyo mukennye mutaramusaba” (Mat. 6:7, 8).

#### **Senga Ugusha ku Ngingo**

Umuhungu wacu, Ovidiyu (Ovidiu), yaguze inzu ku giciro gito cyane, ariko iyo nzu yari imeza nabi kandi yari ntoya. Yagombaga kuyisana no kuyagura kugira ngo ahaze ibyo umuryango we wari ukeneye. Nyamara, ibiciro byari byariyongereye cyane. Yahoraga avuga ko bishoboka ko atazashobora kurangiza iyo mirimo bitewe no kubura amafaranga.

Nasabye Ovidiyu kwereka Imana ibyo yari akeneye, kuko ibyitaho. Yansubije ko yari yasengeye umushinga w'iyi nzu muri rusange.

Hanyuma, namusabye gusenga agusha ku ngingo, akavuga buri cyifuzo akeneye mu gihe runaka, adasengera uyu munsi ibyo azakenera mu kwezi gutaha cyangwa ejo, ahubwo agasenga asabira iby'ifuzo akaneye by'uwo munsi. Imana Isubiza amasengesho mu buryo bwihariye. Imana ntisubiza amasengesho yo mu rwego rwa rusange.

Ntukajye imbere y'Imana ngo uyibwire uti. “Mwami, tabara abaturanyi bange.” Ahubwo, ushobora kuvuga uti, “Data, ndasabira umuturanyi wange Yohana. Ndakwinginze ngo umukore ku mutima. Kandi, ndakwinginze ngo umpe ubwenge ndetse n'amahirwe yo kubaka ubucuti na we kandi mbashe kumugezaho inkuru nziza y'ubutumwa bwiza.”

Mariko 10:47 hatwereka Barutimayo asaba Yesu kumufasha. Yaratatse ati, “Yesu mwene Dawidi, mbabarira!” icyo ni icyifuzo rusange. Ku murongo wa 51 Yesu yamusabye kuvuga neza icyo ashaka: “Urashaka ko nkugirira nte?” Barutimayo yaramushubije ati “Mwigisha, ndashaka guhumuka”.

Tugarutse ku nkuru yange —uwo muhungu wacu yatangiye kujya asenga amasengeso agusha ku ngingo. Yasabye Imana kumufasha kubona itsinda ry’abantu bari gucukura umwobo wa fondasiyo y’inzu. Hanyuma atangira gushakisha. Ariko, amatsinda yose yageragezaga kuvugana nayo yari yaragiranye amasezerano n’abandi amezi menshi mbere y’igihe, kandi yose yasabaga amafaranga ari hagati y’amadolari y’anyamerika 18.000 na 22.000. Amaherezo, yabashije kumvikana n’itsinda rimwe bamugabanyiriza ibiciro, bigera ku madorali y’anyamerika 16,000, kandi bemera kuza gutangira gucukura mu cyumweru cyari bukurikire.

Umuyobozi w’iryo tsinda yaraje, ariko imashini zirempera ntizaza. Nyuma yo gutegereza igitondo cyose, uwo muyobozi yararambiwe, maze avuga ko atazagaruka mbere y’amezi atatu, hanyuma aragenda. Uwo muhungu wacu yarahangayitse cyane. Nta gisubizo na kimwe yari afite.

Amaherezo, Ovidiyu yasabye Imana by’umwihariko ko yamuha itsinda ryo gucukura uwo mwobo mu buryo bwihuse, kandi ku giciro kiza. Ubwo yarangizaga isengesho rye, umuturanyi we yaramwegereye.

Umuturanyi: “Mumeze mute”

Ovidiyu: “Meze neza. Gusa ndashaka itsinda ryo gucukura umwobo wa fondasiyo y’inzu yange.”

Umuturanyi: “Byiza, ubu ngewe mfite itsinda riri gucukura umwobo w’inzu yange. Babaze. Wenda bashobora no kugukorera ibyawe.”

Ovidiyu yahise yiruka ajya kuri uwo muryango wo ku muturanyi we maze arabaza.

Umuyobozi w’iryo tsinda yaramushubije ati: “Noneho, kubera ko n’ubundi twamaze kugera hano ndetse n’ibikoresho byacu biremera bikaba bihari, niturangiza akazi dufite hano, dushobora kuza gukora akazi kawe.”

Ovidiyu: “Ese mushobora kuza mukambwira ikigereranyo cy’amafaranga?”

Nyuma yo kuhareba, uwo muyobozi w’iryo tsinda aravugaga ati, “Ndabikorera ku madorali 2,500.”

Mbega umunezero! Ovidiyu yabonye ko Imana yari yaramaze gutegura igisubizo, kandi ko yari itegereje ko Ovidiyu ayisaba.

“Gusenga n'ukūgururir'Imana umutima, nk'uko twashyikirana n'inshutimagara” (*Kugana Yesu, p.46*). Imana Iraguhamagarira kugirana umushyikirano na yo, kugira ngo ubashe kuyereka ibyifuzo byawe mu buryo busobanutse kandi bwihariye. Irashaka ko uyizera, ukiringira ko izaguha igisubizo gishingiye mu rukundo rwayo, mu bwenge, no mu masezerano yayo. Izasubiza mu gihe Cyayo no mu buryo bwayo, ariko nuyitegereza mu kwizera, uzamenya ko igisubizo cy'Imana ari cyo gisubizo kiruta ibindi byose.

Mureke dusengere hamwe.

### **Igihe cyo Gusenga (Iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w'amasengesho y'ikiganiro (nk'amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n'amasomo yo mu Byanditswe nk'uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n'ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw'ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw'isi.*

### **Ijambo ry'Imana Dusengera – Mat. 6:7, 8**

“Namwe nimusenga, ntimukavuge amagambo muyasubiramo hatu na hatu nk'uko abapagani bagira, bibwira ko kuvuga amagambo menshi ari byo bituma bumvirwa. Nuko ntimugase na bo, kuko So azi ibyo mukennye mutaramusaba.”

### **“Ntimukavuge amagambo muyasubiramo”**

*Mana, twigishe kuvugana nawe nk'uko umuntu avugana n'inshuti. Rimwe na rimwe amasengesho yacu ahinduka akamenyero, kandi bigasa n'aho amagambo yacu ataranga igisenge. Dukangure mu buryo bw'Umwuka! Tubashishe kumva ukuri y'uko uri iruhande rwacu.*



## **“So azi ibyo mukennye”**

*Mwami mwiza, uzi byose kuri twe. Uzi ibidutinyisha, ibyo twifuzza, imbaraga zacu, ndetse n’intege nke zacu. Akenshi dukunze gusaba ibyifuzo byoroheje nk’amafunguro cyangwa amafaranga cyangwa kubona intsinzi, ariko wowe uzi ibyo dukeneye kurusha ibindi. Turagushimira ko Umwuka adusabira n’amaganya atavugwa. Twiringiye ko uzadusubiza mu buryo tutabasha gutekereza!*

## **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

**Kuyobora:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzeho z’itorero ku isi (reba urutonde rw’ibyifuzo byo gusengerwa byatanze).

**Ibyifuzo by’Aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

## **Indirimbo zizifashishwa:**

1. Nshikamye ku Masezerano (#216)
2. Ntabwo Ndamenya (#237)
3. Wibuke’Imigisha Wahawe (#230)
4. Mana Data, Ushobora Byose (#231)

## ARIKO IGIHE MUSENGA . . .

### UMUNSI WA KANE – AMASENGESHO ATASUBIJWE (HAMWE NO KWIZERA)

“Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya” (Yesaya. 40: 31).

#### **Gutegereza ...**

Gutegereza ntabwo binezeza. Ni nde ukunda gutegereza? Gutegereza kwa muganga, gutegereza uri ku murongo, gutegereza indege yatinze kuza ku kibuga cy’indege, gutegereza umuntu watinze kuza mu nama.

Aburahamu yagombaga gutegereza imyaka 25 mbere y’uko Imana isubiza isengesho rye. Mose yategereje imyaka 40 kugira ngo Imana itabare. Yozefu yamaze imyaka myinshi ari umuretwa, ndetse amara muri gereza indi myaka mike —ntabwo aha ari ahantu heza ho gutegereza ubutabazi bw’Imana! Muri Bibiliya harimo ingero nyinshi z’abantu bategereje ubufasha. N’ubwo gutegereza bidusaba kwihangana, Bibiliya ivuga ko kimwe mu bintu biranga ubwoko bw’Imana ari ukwihangana. Ibyo ni na ko bimeze mu gusenga. Incuro nyinshi, bishobora kuba ngombwa ko dutegereza igisubizo.

“Isengesho ryose rivuye ku mutima rizasubizwa. Igisubizo gishobora kudahita kiza ako kanya igihe ugishakira, cyangwa igihe ucyiteze; ariko kizaza mu buryo ndetse n’igihe kizahuza neza rwose n’ubukene bwawe. Amasengesho usenze wiherereye, uremerewe cyangwa uri mu bigeragezo, iteka Imana ntiyasubiza nk’uko wari ubyiteze, ahubwo iteka iyasubiza iguha ibikugirira neza” (*Ubutumwa ku Basore*, p. 238).

Iyo twicishije bugufi maze tukereka Imana ibyo dukeneye, mu buryo bwumvikana neza kandi bwihariye, tukemera ko ari yo yonyine twishingikirijeho, Iratwumva

Ariko, akenshi tuba tugomba gutegereza. Kenshi tuba tugomba gukoresha uburyo bwose dufite n’amahitamo yose dufite mbere y’uko Imana igira icyo ikora, kugira ngo tubashe kumenya tudashidikanya ko ari yo yabikoze. Iyaba Imana yasubizaga uwo mwanya, twashoboraga kwibeshya ko ari twe twabyihesheje.

Iyo tubonye ko nta bundi buryo bushoboka dufite bwo gukemura ingorane, Imana ivuga ijamba rimwe, maze hakabaho ikintu tutari twiteze. “Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya” (Yer. 33:3).

Ariko kandi, niba Imana idasubiza mu gihe no mu buryo tuyisaba, dushobora gutekereza ko itasubije na gato. Imana isubiza amasengesho avuzwe nta buryarya, ndetse avuye ku mutima, kandi igisubizo itanga ni cyo gisubizo cyiza kurusha ibindi byose.

Urahamagarirwa kumenya urukundo rw’Imana (Efes.3:19). Ibyo ni byo ukeneye gusa. Uko urushaho kumumenya, ni ko urushaho kumwiringira, ni na ko urushaho kugira amahoro, kandi ni na ko urushaho kwemera gutegereza igisubizo cyayo no kuyoborwa na yo. Jya uhanga amaso yawe ku Mana, ku rukundo rwayo, ku masezerano yayo, ndetse no ku buryo yagiye ikuyobora mu bigeragezo bya kera.

“Ugushikamijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa” (Yesaya 26:3).

Imana izi iby’ahazaza. Ikwitaho, ariko kandi yita no ku bandi. Ibasha kudasubiza ubungubu bitewe n’uko Igufitiye igisubizo cyiza kurushaho, cyangwa bitewe n’uko atari cyo gihe cyiza, cyangwa se bitewe n’uko utiteguye kwakira umugambi wayo. Ibasha kuguha igisubizo gitandukanye n’icyo washakaga, nyamara gihuye n’ibindi ukeneye, ndetse utatekerezaga. Ishobora kandi no kwemera ko ikintu runaka kiza mu buzima bwawe kikaba ari bwo buryo bwonyine bwo kugera ku muntu utari kugerwaho mu bundi buryo. Hari ibintu byinshi biba tuzabisobanukirwa turi mu ijuru gusa.

Zirikana ko Yesu atazanywe mu isi no gupfa kugira ngo aduhe ubuzima bwiza mu isi. Ahubwo, Yavuze ko muri iyi si tuzagira amakuba (Yohana 16:33). Inshuro nyinshi, Imana Ikoresha amakuba kugira ngo itwigishe amasomo akenewe kugira ngo imico yacu irusheho gukomera, kandi tuzabone agakiza. “Kuko kubabazwa kwacu kw’igihwayihwayi kw’akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw’iteka ryose bukomeye” (2 Kor.4:17).

Bityo rero, aho gusaba Imana ngo ikureho amakuba, ujye uyisaba ngo igufashe gukura kandi uyakuremo isomo. Ibyo dukeneye cyane ntabwo ari ibyifuzo dusengera, n’ubwo akenshi biba ari ibyo dukeneye koko. icyintu cy’ibanze dukeneye ni ukumenya Imana yacu. Uko turushaho kuyimenya, ni na ko turushaho kuyizera, kandi ni na ko turushaho kuyemerera kugira icyo ikora.

Imana iraguhamagarira kuyisenga no kuyishaka, gushaka ubwiza bwayo, umugambi wayo, ubuyobozi bwayo. Jya ushaka kumenya Imana mbere y'uko uyisaba kuguha ibisubizo no kugufasha, maze uyikoreze amaganya yawe yose kandi uyiringire.

Mureke dusengere hamwe.

### **Igihe cyo Gusenga (Iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashyize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w'amasengesho y'ikiganiro (nk'amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuru nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n'amasomo yo mu Byanditswe nk'uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n'ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw'ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw'isi.*

### **Ijambo ry'Imana Dusengera – Yesaya 40:31**

“Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya.”

#### **“Abategereza Uwiteka”**

*Data, ntabwo dukunda gutegereza. Gutegereza bituma duhangayika kandi tukagira ubwoba, bityo bigatuma duhubuka tukishakira ibisubizo byacu. Twigishe kuruhukira muri Wowe nk'uko umwana aruhukira mu biganza bya se. Duhe kwizera gutuma tumenya ko ejo uhafashe mu biganza byawe byuje imbaraga. Nimutyo tubeho mu kwizera, tutayobowe n'ibyo tureba.*

#### **“Bazasubizwamo intege nshya”**

*Mwami, rimwe na rimwe turambirwa kubaho muri iyi si yangiritse. Duteshwa umutwe n'indwara, amakimbirane, ubukene, akarengane, n'imibabaro. Turakwinginze ngo werekeze amaso yacu mu ijuru maze udusubizemo intege nshya. Twigishe kukwisunga no gushakira imbaraga mu masezerano yawe adahinduka. Mu gihe ducitse intege, uduhuze n'imbaraga zawe.*

### **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

**Kuyobora:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi (reba urutonde rw'ibyifuzo byo gusengerwa byatanzwe).

**Ibyifuzo by'Aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirishye guhimbaza cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zizifashishwa:**

1. Nkund'Ubucuti Buva Mw'Ijuru (#35)
2. Nimbon' Amahoro (#34)
3. Nkuyoboke Mwami (#38)
4. Tubane n'Umwami (#40)

## ARIKO IGIHE MUSENGA . . .

### UMUNSI WA GATANU – IZINA RYAWA RYUBAHWE

#### **Turi inzandiko zisomwa na Bose**

Igihe kimwe abizera b’itorero rimwe, hamwe na pasiteri wabo, bagerageje kurarika abaturanyi babo ngo baze mu gikorwa runaka. Abenshi barabyanze. Pasiteri yabajije imiryango mike yari azi impamvu batashakaga kuza. Mu magambo atandukanye bose baravuze bati, “Niba Kanaka \_\_\_\_ ari umwizera aho ngaho, ntabwo tubasha kuza. Ntabwo agwa neza kandi ntagira urukundo. Ntabwo yubaha kandi ashira isoni. Arariganya, agirira nabi amatungo ye, kandi ahorana umujinya n’agasuzuguro.” Benshi mu bizera b’itorero bashobora kwiyumvisha uko biba bimeze.

Isengesho ry’Umwami Wacu ritangirana amagambo agira ati, “Data Wa Twese uri mu ijuru.” Imana si Imana y’Ijuru n’Isi gusa, ahubwo inagirana isano yihariye kandi ya bugufi hamwe natwe. Isengesho rikomeza rigira riti, “Izina Ryawe ryubahwe.” Ijambo ry’Ikigiriki ntabwo ari *hagios* — risobanura “uwera, utunganye, ukwiriye” — ahubwo ni *hagiazo* — risobanura “kweza.” Ni gute dushobora kweza cyangwa kugira Imana iyera mu gihe Yo ubwayo ari Uwera?

Pawulo avuga ko turi inzandiko zisomwa na bose (2 Kor.3:2). Mu 1 Abakorinto 4:9 yaranditse ati, “Kuko twahindutse ibishungero by’ab’isi”.

Abantu ntibabona Imana, ahubwo ni twe babona. Imibereho yacu ya buri muni ibasha guhesha Imana ikuzo kandi ikayihesha icyubahiro, cyangwa se igatukisha izina ryayo kandi ikavuga nabi itorero maze bikagira ingaruka mbi ku murimo waryo (Mat. 5:13-16).

Ujye ujya imbere y’Imana uyisingiza, kandi umenye ko Data agukunda. Aho kwibanda kuri wowe no ku byo ukeneye, ujye ubanza uhangе amaso ku Mana, ku izina ryayo, no ku cyubahiro Cyayo. “Imana ishaka ko dushaka ibintu byubahisha izina ryayo. Ntitugomba na rimwe kwihimbaza; ahubwo tugomba gushaka tugomba gushaka ko Imana iduha ubuntu n’imigisha yo mu buryo bwa Mwuka, kugira ngo tubashe guhimbaza izina ryayo binyuze mu mico yacu. Imana ihabwa icyubahiro, kandi izina ryayo rikezwa, iyo abana bayo beguriye imibereho yabo kuba icyitegererezo cy’imico ya Kristo” (Inyandiko 34, 1904, par.15).

Dusenge dutya tuti: “Data, mfasha kukubahisha mu byo nkora byose uyu muni. Mfasha kuguhagararira mu buryo bukwiye no kwitirirwa izina ryawe kugira ngo abantu nibandeba babashe kuguhimbaza. Mfasha kwitwara mu buryo butuma abantu babona imico ya yesu binyuze mu bikorwa byange byose n’amagambo mvuga.”

Nanone kandi, mu isengesho ryawe, ujye usaba ibintu byahesha Imana icyubahiro kandi bigakora umurimo wayo. Mu 1 Yohana 5:14 havuga ko “Nidusaba ikintu cyose nk’uko ashaka, aratwumva”. Tugomba gusenga mu Izina rya Yesu, ariko ibi ntibisobanura gusa kuvuga ngo “mu Izina Ryawe.” Mu bihe bya Bibiliya, izina ryashushanyaga imico y’umuntu. Gusenga mu izina rya Yesu, ni ugusenga mu bushake bwe, tugasaba ibintu byamwerekana kandi bikerekana imico ye. Muri Yakobo 4:3 hagira hati, “Murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi”. “Ariko gusenga mu izina rya Kristo bifite ubusobanuro bugari cyane. Bisobanura ko dukwiriye kwakira imico ye, tukagaragaza umwuka wari uri muri we, kandi tugakora imirimo yakoraga” (*Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 452*).

Yesu yasezeranye ko azasubiza amasengesho yacu, nidusaba mu Izina Rye, mu bushake Bwe, kandi tugasaba ibintu bihesha Imana icyubahiro bikanayihimbaza (Yohana 14:3, 14; 1Yohana 5:14).

Kandi mu gihe Imana isubije, ujye wibuka kuyishima no kuyihimbaza. Ntidukwiye kubyiyitirira. Satani agerageza kwiitirira icyubahiro cy’Imana. Mu kwicisha bugufi, ushimire Imana kandi uyihe ikuzo binyuze mu magambo yawe, ibikorwa, byawe, ndetse n’amasengesho yawe.

Iyo twitotomba, tuba dutanga ubutumwa bubi bwerekeye Imana yacu. Mu buryo bumwe, tuba tuvugaga ko Imana atari nziza, ko itita ku bantu, ko idasohozaga amasezerano yayo. Mwishime iteka (1 Abatesalonike 5:16; Abafilipi 4:4). Jya usenga, uvuge kandi witwara mu buryo buhesha Imana icyubahiro. Mbese ni gute wakwerekana ukwizera mu gihe ushidikanyaga? Ni gute ushobora gusaba abandi guhimbaza Imana mu gihe witotomba?

Isengesho ryacu rivuye ku mutima rigomba kuba iri, “Data wo mu ijuru wuje urukundo, mfasha uyu muni kuvugaga no gukora mu buryo bukwiye buguhesha icyubahiro imbere y’abandi. Mpa ibizaguhesha icyubahiro gusa, kandi umfashe kubikoresha mu buryo bwo bugukoreraga. Reka uyu mpimbaze izina ryawe.”

Mureke dusengere hamwe.

### **Igihe cyo Gusenga (Iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashyize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w’amasengesho y’ikiganiro (nk’amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n’amasomo yo mu Byanditswe nk’uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n’ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw’ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw’isi.*

### **Ijambo ry’Imana Dusengera – Mat.5:16**

“Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y’abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.”

#### **“Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera”**

*Mwami, ni Wowe soko y’umucyo wose. Murika muri twe kugira ngo n’abandi babashe kubona ubwiza bw’imico yawe. Dufashe kumurika cyane kandi dushize amanga kugira ngo n’abandi babashe kwegera ubwami Bwawe binyuze mu rukundo rwacu.*

#### **“Kugira ngo babone imirimo yanyu myiza”**

*Mana, rimwe na rimwe tujya twibagirwa ko abandi bareba ibyo dukora byose. Babashishe kutabona urwango mu mibereho yacu, ahubwo babone urukundo. Babashishe kutabona kwikunda, ahubwo babone ubugwaneza. Korera mu mibereho yacu kugira ubashe guha imigisha abana bacu, abaturanyi bacu, ndetse n’abanzi bacu.*

#### **“Bahereko bahimbaze So wo mu ijuru”**



*Mana, Ukwiye gushyirwa hejuru twe tugacishwa bugufi. Ducishe bugufi kandi ufashe abaturanyi bacu kubona imbaraga Zawe n'imbabazi zawe binyuze mu bikorwa byacu by'urukundo.*

### **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

**Kuyobora:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi (reba urutonde rw'ibyifuzo byo gusengerwa byatanzwe).

**Ibyifuzo by'Aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zizifashishwa:**

1. Uhoraho Iyo Nitegereje (#274)
2. Iyi si Niya Data (#276)
3. Ngiz'Amahirwe Nd'Uwa Yesu (#191)
4. Ngwino Soko Y'Umugisha (#52)

## **ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**

### **UMUNSI WA GATANDATU – UBWAMI BWAVE BUZE**

“Ubwami bw’Imana buri hagati muri mwe” (Luka 17:21).

#### **Agakiza Kahageze**

Muri Luka 19 Yesu yasabye Zakayo ko yakwinjira mu rugo rwe. Hanyuma Yesu aramubwira ati “Uyu munsi agakiza kaje muri iyi nzu” (umurongo wa 9). Iyo Yesu atuye iwawe, ijuru riba rihari. Kandi mbere y’uko winjira mu bwami bw’Imana, ubwami bw’Imana bugomba kubanza kwinjira mu mutima wawe. Muri Yohana 17 Yesu ntiyigeze asenga asaba ko abamukurikira batandukana n’isi mu buryo bw’umubiri, ahubwo yasabye ko batagomba kuba ab’isi (Yohana 17:15, 16).

Tugomba kwimenyereza kubaho mu isi nk’uko tuzabaho mu ijuru. Nitwibanda ku bintu by’isi, tuzamera nk’ab’isi. “Aho ubutunzi bwawe buri, ni ho n’umutima wawe uzaba” (Mat. 6:21). Ariko niduhanga amaso ku Mana no ku bwami Bwayo, Ubwami bwayo buzatura muri twe. “Mu maso h’abagabo n’abagore bavugana n’Imana, abo babona ko isi itaboneka iriho koko, hagaragaza amahoro y’Imana. Bagendana umwuka utuje kandi mwiza wo mu ijuru” (*Umurimo w’Ubuwuzi*, p. 252).

Muri rumwe mu ngendo zange z’ivugabutumwa mu gihugu cya Cuba, abana benshi n’ababyeyi babo baje kumva ibyavugwaga. Pasteri yambwiye ko abo bashyitsi bose baje bitewe n’umugore umwe. Nabajije uwo mugore icyo yababwiye kugira ngo baze. Yaransubije ati, “Si ibyo nababwiye,” hanyuma araturarika ngo tuzamasure umunsi wari bukurikireho, maze twirebere. Nuko turagenda.

Yari afite inzu ntoya cyane, imeze nk’icyumba cy’ibikoresho. Muri iyo nzu nta bikoresho byari bihari mu imbere uretse ibitanda bibiri by’amagorofa, ameza mato, intebe ntoya ebyiri, n’ishyiga. Kare mu gicamunsi, yagiye hanze imbere y’urugo rwe. Hanyuma baraza—abana bagera hafi muri magana abiri! Yabasabye kwicara hasi ku butaka maze bamwereka urupapuro rwashyizweho umukono n’ababyeyi babo. Hanyuma abo bana batanze umurongo maze bose abaha umuceri. Nuko baricara bararya.

Mu gihe barimo barya, yadusobanuriye ko abenshi mu baturanyi be nta kazi bagiraga, ariko we yagize umugisha wo kukabona. Umushahara yahabwaga ntiwabaga uhagije kugira ngo agure ibyokurya bitandukanye, ariko yashoboraga kugura umuceri. Hanyuma aratubwira ati, “Twahamagariwe kuba nka Yesu, no kugaragaza uko ubwami bw’Imana bumeze kugira ngo abantu babwishimire. Twagombye gukoresha uburyo Yesu yakoresheje. Tukabagaburira hanyuma tukubaka ubucuti nabo. Niba mbaho ku bwange gusa, ni gute meze nka Yesu? Kandi niba mbasha guha abantu umutsima w’iby’umubiri gusa, ni gute mu by’ukuri bibafasha? Ni yo mpamvu nkoresha umuceri ngo nereke aba bana urukundo. Hanyuma nkabaha umutsima w’ubugingo. Ariko akenshi abana bakunze kurangara. Kugira ngo menye neza ko bateze amatwi, baba bagomba kujya mu rugo iwabo, bakabwira ababyeyi babo inkuru ndetse n’indirimbo bize uwo muni. Muri ubwo buryo, mbasha no kugera ku babyeyi. Rero ubwo maze igihe nkora ibyo, bese barankunda, baranyizera, kandi bafite ubushake bwo kumva.”

Abana bakimara kurya, yatangiye kubigisha ibya Yona, hanyuma abigisha indirimbo. Nyuma yaho, baramuhobeye maze baramushimira. Numvise bamubwira bati, “Turagukunda, tante!” Yagize akanyamuneza kenshi mu maso. Yagize ati, “Ntabwo ar’uko nshaka kubereka ubwami bw’Imana gusa, ahubwo na bo bampesha umugisha kandi bakananyuzuzamo ibyishimo. Ikintu kinshimisha cyane ni ukubabona baza mu rusengero, basenga kandi biga iby’Imana. Ariko ibyishimo byange biruta ibindi ni ukuzababona mu ijuru. Rero ndashaka ko na bo basogongera igitonyaga gito cy’ijuru ubu.”

Yesu ari hafi kuza! Ariko kugira ngo uzabe witegura kwinjira mu bwami bwe igihe azaba aje, ugomba kubanza gutuza ubwami bwe muri wowe *ubu ngubu*. Ugomba gusenga buri muni uti, “Mwami, ndakwinginze ngo uzane ubwami Bwawe mu mutima wange uyu muni.” Imana iraguhamagarira kubeshaho ubwami bwayo muri iki. Binyuze mu isengesho rya buri muni, kwiga Ijambo ry’Imana, n’umurimo ukora wishimye, ujye uba mu isi nk’uko wabaho uri mu ijuru. Reka ijuru ritwe muri wowe. Mujye muba ibiganza by’Imana hano ku isi, nk’uko abantu b’indahemuka mu kwizera bari ibiganza byayo mu gihe cyashize.

Imana ishaka gutuza ubwami bwayo mu mutima wawe no mu rugo rwawe uyu muni na buri muni. Irashaka ko wimenyereza kubaho mu bwiza bwayo, nk’aho uri umwenegihugu w’ijuru.

Buri muni ujye urarika ijuru kuza mu mutima wawe maze ureke urukundo rwayo rugaragarire abandi binyuze mu bikorwa byawe.

Mureke dusengere hamwe.

### **Igihe cyo Gusenga (Iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashyize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w’amasengesho y’ikiganiro (nk’amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n’amasomo yo mu Byanditswe nk’uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n’ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw’ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw’isi.*

### **Ijambo ry’Imana Dusengera – Luka 17:21**

“Ubwami bw’Imana buri hagati muri mwe.”

**“Ubwami bw’Imana”**

*Mwami, tuzi y’uko Ubwamu Bwawe budashingiye ku bubasha cyangwa ku mbaraga z’isi. Duhe ubwenge bwo gusobanukirwa no gutuza ubwami bwawe bwiza mu mibereho yacu uyu muni. Tubashishe gufasha, guhumuriza, no gutera umbaraga abana bawe bo ku isi.*

**“Buri hagati muri mwe”**

*Mana, tubashishe kubaho nk’abaturage b’ijuru guhera uyu muni. Tubashishe kureka kwireba ubwacu, ahubwo turebe abandi. Ni nde uri iruhande rwacu ukeneye ko tumutega amatwi? Ni nde ukeneye ifunguro cyangwa imyambaro y’abana be? Ni nde ukeneye kumva ubuhamy*

*bw'imbaraga ihindura ya Yesu? Vugana n'imitima yacu kandi utuze ubwami Bwawe mu mibereho yacu uyu munsu.*

### **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

**Kuyobora:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi (reba urutonde rw'ibyifuzo byo gusengerwa byatanzwe).

**Ibyifuzo by'Aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** Fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo zizifashishwa:**

1. Yesu Mwami w'Abami (#146)
2. Data Mwiza, Nyigiza Hafi (#147)
3. Mwami Yesu Ndifuzza k'Umboneza (#13)
4. Har'Isoko (#12)

**ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**

**UMUNSI WA KARINDWI—IBYO USHAKA BIBEHO MU ISI, NK'UKO BIBA MU IJURU**

“Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira! Ni amahoro si ibibi, kugira ngo mbareme umutima w’ibyo muzabona hanyuma. Ni ko Uwiteka avuga” (Yer. 29:11).

**Ni we Databuja**

Twese tugira imigambi, imigambi y'igihe kirekire n'imigambi ya buri muni. Ubusanzwe iyo dusenga, dukunda gusaba Imana ubufasha n'imigisha ku migambi yacu aho gushaka imigambi y'Imana. Imana yaravuze iti "nzi ibyo nibwira nzabagirira" (Yer. 29:11). Kugira ngo Imana ihe umugisha ibyawe, ugomba gukurikiza umugamb wayo.

Iyo dusenga, tubwira Imana ibyo ikwiye gukora, nk'aho ari twe shebuja, na yo ikaba umugaragu! Ujye wibuka ko ari Imana, ni yo Shobuja. Ni yo ikwiye kutubwira ibyo dukwiye gukora. “Mu gitondo cyose mujye mwiye gurir' Imana kubg'uwo muni. Inama zanyu zose, muzishyir'imbere yayo ngw ab'ari y'izisohozza, cyangwa se, ngo yenda izireke Mur'ubgo buryo ni bgo mubasha gushyir'ukubaho kwanyu mu maboko y'Imana iminsi yose” (*Kugana Yesu*, p. 35).

Ibuka aya magambo ari mu isengesho ry'Umwami wacu agira ati "ibyo ushaka bibeho mu isi, nk'uko biba mu ijuru". Mu ijuru, abamarayika ni abakozi b'Imana. Ibaha inshingano kandi bakazikora. Igisubizo cyabo kiba ari "Yego, Mwami, " maze bakagenda. Nta n'umwe muri bo ubwira Imana icyo gukora; nta n'umwe ugerageza kumvikana nayo cyangwa ngo avuge ati "Ndahuze" cyangwa "Ndaza kubikora nyuma". Nta n'umwe ujya impaka ngo avuge ati "Nta bushobozi mfite" cyangwa "Mfite igitekerezo cyiza kurushaho". Iyo Imana ibwiye umumarayika gukora ikintu runaka, aragikora, kuko aba azi ko Imuha ibyo akeneye byose ngo asohoze iyo nshingano.

Umuni umwe, jye n'umugore wanjye twakoze urugendo rw'amasaha cumi n'imwe mu modoka. Nk'uko twari dusanzwe tubigenza, twari twasabye Imana ngo itwereke umugambi wayo w'uwo muni kandi tuyisaba kutwereka amahirwe yo gukora umurimo wayo. Nyuma y'amasaha agera

kuri atanu turi muri urwo rugendo, incuti yanjye y'umupasiteri yarampamagaye. Yarambwiye ati "Nsengera." "Ngomba kujya muri Cuba kubwiriza ubutumwa bwiza, ariko imodoka yanjye yampfiriyeho, kandi bisi ntiyigeze iza."

Nari mbizi ko atuye mu gace twari tugezemo, maze ndamubaza nti "Ese utuye ahagana hehe?" Yampaye nimeru y'umuhanda. Mu gihe yari arimo ayimbwira, twinjiye neza muri uwo muhanda. Nahise mubwira nti "Twageze mu muhanda wanyu." Yaransubije ati "Ibyo bishoboka bite? Ko aho mutuye n'aho ntuye harimo amasaha atanu ugana mu majyaruguru!" Twahise dufata uwo muhanda, tujya iwe turamufata, tumugeza ku kibuga cy'indege. Yaje gufata indege ajya i Cuba!

Incuro nyinshi, turahangayika maze tukananirirwa gusohoza imirimo yacu bitewe n'uko dukora tugendeye ku migambi yacu. Nyamara, ntituzi ishusho ngari. Ntituzi iby'igihe kizaza. Ariko Imana byose irabizi, kandi iradukunda.

"Abantu benshi cyane, iyo bategura ejo ahazaza heza, bakora ikosa rikomeye. Ujye ureka Imana igutegurire imigambi... Nta na rimwe Imana ijya iyobora abana bayo mu buryo butandukanye n'ubwo bo ubwabo bihitiramo kuyoborwamo, iyaba bagiraga ubushobozi bwo kureba iherezo mu itangiriro bakamenya neza ubwiza bw'umugambi bari gusohoza nk'abakozi bafatanyaga na yo" (*The Ministry of Healing*, p. 479).

Kugira ngo usohoze umugambi w'Imana, ugomba kubanza kuwumenya, bityo rero ugomba no kuyitega amatwi mu gihe usenga. Ibyo ikubwira ni ingenzi cyane kuruta ibyo wowe uyibwira. "Tugomba kugira uburambe mu gushaka kumenya ubushake bw'Imana. Dukwiriye kumva ku giti cyacu avugana n'imitima yacu. Iyo andi majwi yose acecekeshejwe, dutegerereza imbere y'Imana mu ituze, maze umutuzo w'ubugingo ugatuma twumva neza ijwi ry'Imana." (*The Ministry of Healing*, p. 58).

Mu isengesho tuvugana n'Imana, hanyuma mu Ijambo ryayo, ikatuvugisha. Gusenga no kwiga Ijambo ry'Imana biragendana buri gihe; ntibikwiye na rimwe gutandukanwa. "Bibiliya niryo jwi ry'Imana rituvugisha, rikaba nk'aho turyumvane amatwi yacu." (*Testimonies for the Church*, vol. 6, p. 393).

Nta gushidikanya ko dushobora kumubwira ibyo dukeneye byose. Tubwirwa kuyikoreza amaganya yacu yose (1 Petero 5:7). Nta kibi kiri mu kumusaba ubufasha. Ariko kandi, ntuba uri kumenyesha Imana ikintu itari isanzwe izi; ahubwo uba urimo kuyiha uburenganzira bwawe bwo kugufasha. Imana yaduhaye umudendezo wo guhitamo, kandi yubaha amahitamo yacu. Ntabwo izigera idutegeka gukora ibyo ishaka. Iradutegereza ngo tuyisabe, duhitamo gufashwa nayo, hanyuma nayo ikagira icyo ikora.

Ujye usenga, wige Ijambo ry'Imana kandi uritekerezeho. Wereke Imana ibyo ukeneye n'imigambi yawe, kandi usabe Imana kukuyobora no kubana nawe. Imigambi y'Imana uyigire nyambere. Banza ushake Imana, hanyuma wiringire ko izakwitaho mu byo ukeneye byose nk'uko yabisezeranye (Mat. 6:33). Jya uhora witeguye kuyikorera no gukora ibyo ishaka. Vuga uti "Ndihano Mwami. Nkoresha uyu muni. Ibyo ushaka nibibe mu buzima bwanjye uyu muni."

Nimureke dufatanye gusenga.

### **Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashya hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w'amasengesho y'ikiganiro (nk'amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n'amasomo yo mu Byanditswe nk'uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n'ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw'ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw'isi.*

### **Ijambo ry'Imana Dusengera – Yeremiya 29:11**

“Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira...kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma.”

**“Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira”**



*Nyagasani, duhugira cyane mu migambi yacu bwite. Utubabarire kubwo kwifuzza, umururumba no kwikunda. Ahubwo, utwereke imigambi yawe. Yobora amaso yacu kugira ngo arebe ibikenewe biri hafi yacu. Bashisha ibiganza byacu n'ibirenge byacu kugukorera.*

### **“Kugira ngo mbareme umutima w’ibyo muzabona hanyuma”**

*Mana, imigambi yacu ku isi izashira maze ihinduke ubusa, ariko imigambi yawe yo ihoraho iteka ryose. Turagushimira ko gutsindwa kwacu kutazahoraho igihe cyose. Duhe kwizera kugira ngo tubashe kubona ubwami bwawe muri uyu muni. Ngwino Ube muri twe.*

### **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no Guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw’imbabazi zayo.

**Kuyoborwa:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n’inzeho z’itorero ku isi.

**Ibyifuzo by’aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n’abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** fata umwanya wo kumva ijwi ry’Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

### **Indirimbo Mwifashisha:**

1. Yesu Nd’ Uwawe Nyakira (#25)
2. Nkweguriy’ Ubugingo Bwanjye (#206)
3. Shaka Gutungana (#28)
4. Ubu Nj’ Uko Ndi (#26)

## **ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**

### **UMUNSI WA MUNANI—UDUHE NONE IBYOKURYA BYACU BY' UYU MUNSI**

“Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari. Nuko rero tugirire bose neza uko tubonye uburyo, ariko cyane cyane ab'inzu y'abizera” (Gal 6:9,10).

#### **Imana Izabiduha**

Umunsi umwe namaze igihe runaka ndimo nkora mu bijyanye n'imari. Maze gushyira ku ruhande kimwe cya cumi n'igice gito cy'amafaranga yo gukoreshwa mu murimo w'ubuvugabutumwa no gufasha abakene, nishyuye fagitire zose, ngira n'ayo nshyira ku ruhande y'ishuri ry'abana b'abahungu bacu, nyuma yaho nsagura make yari kuzamara ukwezi akoreshwa mu guhaha ibyokurya n'ibindi bintu. Ninjiye mu modoka yacu ngo njyane amafaranga nyishyure ku ishuri, ubwo mva mu rugo. icyo gihe hari harimo kugwa imvura nyinshi cyane.

Mbere gato y'uko ngera mu nzira ijya mu kigo, nabonye umukobwa ukiri muto wari uhangayitse cyane mu buryo bugaragara. Nahagaritse modoka maze mbona ko yari umukobwa muto wari umaze amezi make mubatije. Yari arimo arira.

Naramubajije nti: “Byagenze gute?” Amaherezo yaje kumbwira ko we hamwe n'abandi benshi bari bakuwe ku kazi kabo igihe uruganda rwari hafi y'aho rwafungwaga. Hanyuma we n'abana be bato babiri, baza kwirukanwa mu nzu yabo kubera ko atashoboraga kwishyura amafaranga y'ubukode. None ubu nta byokurya bari bagifite.

Namujyanye mu iduka ry'ibiribwa, maze nuzaza ibiribw muri twa tugare bahahiramo, hanyuma mbyishyura nkoresheje ku amafaranga y'ishuri. Mu nzira ubwo namusubizaga kuri rya shuri, nahamagaye nyir'inzu yari atuyemo, ngerageza kureba uko nabasha kugirana amasezerano nawe, nuko nkoresha igice cyari gisigaye kuri ya mafaranga y'ishuri ngo nishyure kimwe cya kabiri cy'ayo yagombaga kwishyura, hanyuma nyir'inzu we yemera kumubabarira ikindi gice. Nahamagaye abagize inama y'itorero maze bishyura fagitire y'amashanyarazi. Kandi ndamubwira nti “Numara kugira imbaraga zo gusbira mu buzima busanzwe, nawe uzafashe undi muntu uzaba ukeneye ubufasha.” Yaranshimiye cyane.

Ubwo nasubiraga imuhira nkabwira umugore wanjye ko nari mpangayikishijwe n'uburyo twari bwishyure amafaranga y'ishuri, yambwiye yishimye ati: “Imana izabiduha.” Kuri icyo gicamunsi ubwo narebaga mu gasanduku k'amabaruwa, nabonye ibahasha irimo sheki. Amafaranga yari arimo yanganaga nayo nari narakoresheje mfasha wa mukobwa muto.

Imana itwitaho kurusha uko twita ku bana bacu. Idusezeranya ko izaduha ibyokurya bidutunga. (Yesaya 33:16). Ariko muzirikane ijambo *twebwe (uduhe)* riri muri uyu murongo: "*Uduhe* none ibyokurya byacu by'uyu munsi". Yesu agaragaza neza ko tutagomba gusenga twisabira gusa, ahubwo ko tugomba no gusenga dusabira n'abandi. Mu by'ukuri, Bibiliya igaragaza neza ko tugomba gukunda abandi nk'uko twikunda (Mariko 12:31), kandi ko tugomba gusenga dusabira abandi (Yakobo 5:16). "Mwakirane ibibaremerera, kugira ngo abe ari ko musohozza amategeko ya Krist" (Gal. 6:2). Abigishwa bo mu kinyejana cya mbere ni ko babigenje. Bari bunze ubumwe mu byo bakoraga byose (Ibyakozwe. 4:32).

“Amasengesho yacu ntakwiriye kuba ayo kwikunda, dusaba gusa ibyerekeranye n’inyungu zacu. Tugomba gusaba kugira ngo nitumara guhabwa natwe dutange. Ya ngeso yo kwitanga yagaragariye muri Kristo igomba kugaragara mu bagaragu be. Dusabe imigisha kugira ngo tuyigeze no ku bandi. Guhabwa bigendana no gutanga” (Imigani ya Kristo (Igitabo Cya 1-2), p. 62).

Zirikana ko isengesho ry'Umwami wacu ritavuga ibyokurya by'ejo hazaza, ahubwo rikavuga ibyokurya by'uyu munsi. Abisirayeli bashoboraga gutoragura manu y'umunsi umwe gusa (Kuva 16:4). Imana ntishaka ko duhangayikishwa n'iby'ejo (Mat. 6:34). Ujye usaba iby'uwo munsi. Jy'usaba gusangira n'abandi. Ujye ushakisha uko waba umugisha ku bandi. Mbere y'uko abigishwa ba Kristo babwiriza, bagomba kugaragaza urukundo bakunda Imana binyuze mu kuba umugisha ku babakikije.

Mu gihe cy'urubanza, Yesu ntazakubaza niba waragiye mu rusengeri cyangwa niba warakoze ibindi bintu byiza, n'ubwo tutagakwiye kwirengagiza guteranira hamwe (Heb. 10:25). Azavuga ati "Nari nambaye ubusa, nari mfite inzara n'inyota. Uburyo mwakunze abo ngabo, ni bwo bugaragaza uburyo nyabwo mwankundaga" (Mat. 25:31–45).

Imana iraguhamagarira gusenga usabira mugenzi wawe, gukunda mugenzi wawe, no kuba umugisha ku bantu bose bagukikije.

Mureke dufatanye gusenga.

### **Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w’amasengesho y’ikiganiro (nk’amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n’amasomo yo mu Byanditswe nk’uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n’ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw’ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw’isi.*

### **Ijambo ry’Imana Dusengera – Abagalatiya 6:9, 10**

“Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari. Nuko rero tugirire bose neza uko tubonye uburyo, ariko cyane cyane ab’inzu y’abizera.”

#### **“Twe gucogorera gukora neza”**

*Data, rimwe na rimwe umurimo w’ivugabutumwa udusiga tunaniwe. Dushyira umutima cyane ku migambi no ku bisubizo tubona, maze tukibagirwa ko ari wowe Soko y'imbaraga zose. Turakwinginze, ngo udufashe guhanga amaso yacu kuri wowe. Tugarurire ubuyanja maze utwuzuze urukundo rwawe rutagira akagero muri iyi si ikeneye gutabarwa.*

#### **“Tuzasarura nitutagwa isari”**

*Mwami, turagushimira kubw’iri sezerano ry’uko umunsi w’isarura wegereje. Turagusaba ngo uhindure amaboko yacu ayo kwizerwa mu gihe dutera kandi tukavomera imbuto zo kwizera mu bandi. Ibisubizo ni wowe ubigena!*

## **“Tugirire bose neza”**

*Mana, turagusabye ngo uduhe amaso yawe kugira ngo tubashe kubona amahirwe yo gukora umurimo. Twereke uburyo dushobora kugaragariza urukundo abana bacu, abo twashakanye, abaturanyi bacu, ndetse na bagenzi bacu bo mu itorero. Twishimiye cyane kuba bamwe mu bagize umuryango w'Imana!*

## **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no Guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

**Kuyoborwa:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi.

**Ibyifuzo by'aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirishe guhimbaza cyangwa indirimbo.

## **Indirimbo Mwifashisha:**

1. Tujye Dusabir' Abazimiye (#78)
2. Biba Mu Gitondo (#74)
3. Aho Nzahamagarwa Hose (#155)
4. Imirimi' Ireze' Ahantu Hose (#79)

**ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**

**UMUNSI WA CYENDA—UDUHARIRE IMYENDA YACU NK’UKO NATWE  
TWAHARIYE ABARIMO IMYENDA YACU**

“Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mu ijuru azabababarira namwe: (Mat 6:14).

**“Sinigeze Mbyiyumvamo”**

Yari ashaje kandi yari amaze imyaka myinshi ari umwe mu bakuru b’itorero ryacu. Ubu yari ari mu bitaro. Ubwo namusuraga, yarambwiye ati "Ntunsengere, kuko narazimiye." Naramushubije nti “Kuki wavuga utyo?” “Pasiteri, nakoze icyaha. Nakoze icyaha gikomeye nkiri muto.” “Ese wigeze usaba Imana imbabazi?” “Oh, buri muni w'ubuzima bwanjye, ariko ntiyigeze imbabarira.” “Ubibwirwa n’iki?” Yagize ati, "Sinigeze mbyiyumvamo." Twakomeje kubiganiraho, maze ku mpera z’ikiganiro cyacu, agira amahoro n'ibyishimo.

Mbese, ni gute "wiyumvamo" imbabazi? Mbese, ni ibiyumviro by'ubushyuhe mu mubiri wawe, cyangwa ikintu gikonje kiza ku kuboko kwawe kw'iburyo, cyangwa se ni ibiyumviro wumvira mu ijosi? Mbese ubasha kubihumurirwa?

Bibiliya ibisobanura neza. “Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni Yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” (1 Yohana 1:9). Ntabwo Bibiliya ivuga ko Imana ibabarira ibyaha bito cyangwa umubare muto w'ibyaha. Ivuga mu buryo bwumvikana neza ko iyo twatuye ibyaha byacu, Imana ibitubabarira byose. icyo bisaba: ugomba kwatura ibyaha byawe. Isezerano ni iri: Imana irakubabarira. Kora uruhare rwawe, Imana na yo izakora urwayo.

Kubabarirwa si ikintu ushobora kwiyumvamo cyangwa ngo ugaragaze mu buryo bwa siyansi. Ni kubwo kwizera. Wemera Ijambo ry'Imana kandi ukizera ko Imana itabeshya. Ntubasha kubisobanura, ntabwo wari ubikwiye, ariko uzi ko Imana yabisezeranye kandi amasezerano yayo ni ayo kwizerwa ijana ku ijana, kubera ko ashingiye ku mico yayo no ku Ijambo ryayo. Nta kintu gitanga umutekano kurusha Ijambo ry'Imana.

Iyo watuye ibyaha byawe, muri uwo mwanya uhita ubabarirwa. Yesu yamaze kwishyura ikiguzi cy'ibyaha byawe ku musaraba. Ni "Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi" (Yohana 1:29). Amaraso ye arahagije, kandi mu maraso ye ufite incungu y'ibyaha byawe byose (Abef. 1:7).

Nyuma y'uko watuye ibyaha byawe, ugomba kugaragaza ukwizera kwawe, ugahitamo kwizera ko Imana isohoza ibyo yasezeranye. "Aburahamu yizeye Imana, ibimuhwaniriza no gukiranuka" (Rom. 4:3). Wibuke ko "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera" (Abaroma 1:17). Uko wizera, ni ko Imana ikora, maze ukababarirwa. Ntukagerageze kubisobanura cyangwa ngo wumve ko ubikwiriye. "Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana" (Abefeso 2:8).

"Kuko wizey'Imana, ni cyo cyatumye Umwuka Wera ashir'ubugingo bushya mu mutima wawe. Umeze nk'umwana wavukiye mu nzu y'Imana, kand'igukunda nkukw ikund'umwana wayo" (Kugana Yesu, p. 26). Kubabarirwa, gukiranuka, agakiza —byose ubihabwa nk'impano kubwo kwizera.

"Uri umunyabyaha Ntiwabasha guhongerer'ibyaha wakoze; ntiwabasha guhindur'umutima wawe no kuwuboneza ngo were. Ahubw' Imana yasezeranye yukw' izabigukorera byose, kubwa Kristo. Wizere iryo sezerano. . . NI wizer'isezerano. . . Imana izabigusohoreza. . . Ntukarindire kwiyumvamo ko wakijijwe, ahubg'uvug uti: "Ndizeye, ni ko biri, s'uko mbyiyumvamo, ahubgo n'ukw Imana yabisezeranye." (Kugana Yesu, p. 25).

Igihe uhanze amaso ku musaraba wa Yesu, urabukwa uburyo butangaje Yesu yerekanye urukundo rwe: Yesu, Umuremyi, Uvuga bikaba, Uwo abamarayika bihisha ngo batabasha kureba mu maso he, Imana y'Ijuru n'Isi yamanutse maze ikambara umubiri w'umuntu. Uwo ng'uwo Wera, yikoreye ibyaha byawe, maze apfa ku bwawe. Imana yapfuye ku bwawe.

Hanga Amaso yawe ku musaraba we. Hanyuma, uzamenya ko abagiriwe ubuntu na bo babusangiza abandi batizigamye. Abababarirwa, bakwiriye nabo kubabarira.

"Kubabarira kose kuboneka mu rukundo rw'Imana; ariko uko tugenzeza abandi byerekana ko urwo rukundo twamaze kuruhindura urwacu" (Imigani ya Kristo (Igitabo cya 1-2), p. 120).

Nimureka dufatanye gusenga.

### **Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashya hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w’amasengesho y’ikiganiro (nk’amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n’amasomo yo mu Byanditswe nk’uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n’ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw’ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw’isi.*

### **Ijambo ry’Imana Dusengera – Matayo 6:14**

“Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na So wo mu ijuru azababarira namwe.”

#### **“Nimubabarira abantu ibyaha byabo”**

*Data, turemera ko hari igihe tuba tudashaka kubabarira. Udukize umujinya n’uburakari. Hindura imitima yacu maze ureke ubuntu bwawe budusabemo maze bugera no ku bandi. Uhindure abanzi incuti zacu, kandi uhurize imitima yacu mu murimo w’ubwami bwawe.*

#### **“Na So wo mu ijuru azababarira namwe”**

Urakoze Mwami, kubw’impano tudakwiriye waduhaye y’imbabazi no gucungurwa. Rimwe na rimwe biratugora kwakira imbabazi zawe maze tugashakisha uko twakwemerwa nawe. Twigishe kwakira imbabazi zawe twishimye, kandi tugaragarize n’abandi ubwo buntu.

### **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no Guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.



**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

**Kuyoborwa:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi.

**Ibyifuzo by'aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirisha guhimbaza cyangwa indirimbo.

**Indirimbo Mwifashisha:**

1. Ku Musozi Kure (#207)
2. Naguzw' Amaraso y' Intama (#68)
3. Ngiz' Amahirwe Nd'Uwa Yesu (#191)
4. Abazacungurwa Bazaririmba (#206)

**ARIKO IGIHE MUSENGA . . .**

**UMUNSI WA CUMI - NTUDUHANE MU BITWOSHYA**

**“Kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha”  
(Yakobo 1:13).**

## Mbese koko, Imana ibigenza ityo?

Imana irera, kandi ni urukundo. Ntawe Imana igerageza, ahubwo ni twe twigerageza (Yakobo 1:14, 15). None se, waba warigeze wibaza icyo Yesu yashakaga kuvuga igihe yagiraga ati "ntuduhane mu bitwoshya"? Yesu ntiyari ashatse kuvuga ko Imana idushuka ngo dukore icyaha, bityo tukaba tugomba kuyinginga ngo ntibitujyanemo

None se ibyo bisobanuye iki? Kimwe no mu ndimi nyinshi, niba atari zose, amagambo ashobora kugira ibisobanuro birenze kimwe mu Kigiriki. Ku bw'ibyo, ugomba kureba aho iryo jambo ry'umwimerere ryakomotse, n'ahantu ryakoreshejwe. Ijambo ry'Ikigiriki rivuga "kuyobora" ni *eisphero*. Uwo murongo ushobora guhindurwamo ngo "ntutureke ngo tugende, ntudutererane, ntutwemerere ngo tugende". Ntibisobanura "koshya".

Ijambo ry'Ikigiriki rivuga "igishuko" ni *peirasmon*. Rishobora gusobanurwa nk' "ikigeragezo, amakuba," n'ibindi. Bityo rero, iyi interuro ivuga ngo "ntuduhane mu bitwoshya" ishobora gusobanurwa ngo "Ndakwinginze ntuntererane kuko ku bwanjye jyenyine nagwa mu byaha, cyangwa naguguma mu byaha namaze kugeramo" cyangwa igasobanurwa ngo "Nungerageza, ntundeke nnyenyine cyangwa ngo ureke ngumemo igihe kirekire, kuko ntinya ko nshobora kugwa mu cyaha".

Rimwe na rimwe, Imana ireka ibintu runaka kukubaho cyangwa ikagushyira mu bihe runaka kugira ngo igufashe gusobanukirwa uko umutima wawe n'ibya mwuka byawe bihagaze, kugira ngo igufungure amaso ngo urebe uko umeze n'ibyo ukeneye. Bibiliya ivuga ko "utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa" (Ibyah 3:17). Iyo uzi ko urwaye ujya kwa muganga, ariko se wakemura ute ibyo utazi?

Iyo twitegereje uko tumeze, tumenya uburyo turi abanyabyaha kandi tukamenya ko dukeneye Yesu. "Ababa hafi ya Yesu basobanukirwa neza intege nke ndetse n'ubunyacyaha (kamere ihora ihengamiye ku cyaha) by'inyokomuntu, bityo ibyiringiro byabo rukumbi biri mu byo Umukiza wabambwe akazuka yakoze" (Intambara Ikomeye, p. 466).

Imana yagerageje Umwami Hezekiya (2 Ngoma 32:31). Mu Migani 17:3 havuga ko Imana igerageza imitima yacu. Dawidi yasenze agira ati "Uwiteka, unyitegereze ungerageze" (Zab 26:2). Petero avuga ko ibigeragezo bigoye rimwe na rimwe biba bigamije kutugerageza (1 Petero 4:12).

“Ni twibonahw’ibibi, bizadutera gusanga’Ubasha kubabarira; maze kand’umunt’ usobanukirwa n’intege nke ze, agasingira Kristo, azamuhishurir’imbaraga ye” (Kugana Yesu, p.32).

Ku bw'ibyo rero, “Umwanzi wacu ukomeye ahora ashaka ko ubugingo buri mu kaga buva ku Mana” (Prayer, p. 270). Azi ko nitwitandukanya n'Imana, tuzagwa mu byaha.

Mu gice cya nyuma cy'Isengesho ry'Umwami wacu, Yesu agerageza guhishura ibanga ry'imbaraga n'intsinzi. Avuga ko ibyiringiro byacu byonyine ari ukuba muri Yesu gihe cyose kandi Yesu nawe akaba muri twe, nti hagire ubwo dutandukana, kandi ntitumuveho. “Kristo uri muri mwe, ari we byo byiringiro by'ubwiza” (Abakolosayi 1:27).

Twebwe ubwacu nta mbaraga dufite zo guhinduka no kugira umutima mushya. Ariko iryo sezerano rirasobanutse kandi ni iryo kwiringirwa: “[Uri muri Kristo] ni icyaremwe gishya” (2 Abakorinto 5:17).

None se, ni gute wisuzuma kugira ngo umenye aho ugeze mu rugendo rwawe rw'ibya mwuka? Yesu avuga ko dushobora kubimenyera ku mbutu zacu (Mat 7:16). Ni gute wera imbutu? Binyuze mu gukomeza kuguma muri Kristo (Yohana 15:1-5) no kuzuzwa n'Umwuka We (Abagalatiya 5:22, 23).

“Kuba abanyedini bizanira abantu gusa kuba mu itorero, ariko ingeso n’imyitwarire byabo nibyo bigaragaza ko bashamikiye by’ukuri kuri Kristo” (Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 460). Kandi nuguma muri We, ntukeneye gusobanukirwa uko akora; ukeneye gusa kumwizera. Azakiza abamwegera bose (Abah 7:25).

“Ingabo imwe izadukiza ikibi ni uko Kristo atura mu mutima” (Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 217).

Imana iraguhamagarira gusenga ubudasiba, guhora wambaza izina ry'Uwiteka, kugendana na Yo, kandi, ukamenya iteka ko iriho kandi ukayishingikirizaho mu buryo bwuzuye, ntiwigere na rimwe

utandukanya na Yo. Aho niho honyine imbaraga zawe ziri. Kandi isezeranya ko nuyegera, "na yo izakwegera" (Yakobo 4:8).

Mureke dusengere hamwe.

### **Igihe cyo Gusenga (iminota 30-45)**

*Amatsinda yose yo gusenga afite uburyo butandukanye bwo gusengera hamwe. Turabagira inama yo gukoresha iyi minota iri hagati ya 30 – 45 mukora amasengesho ashize hamwe, mukurikije uko Mwuka Wera abayobora. Mubanze gufata umwanya muto w'amasengesho y'ikiganiro (nk'amagambo atarenze 3). Ibi bituma abantu benshi babasha gusenga incuro nyinshi. Mukurikizeho amasengesho agendana n'amasomo yo mu Byanditswe nk'uko muyabona hepfo, ashingiye ku nsanganyamatsiko yacu. Mushobora no gukoresha andi masomo ndetse mugasengera n'ibindi byifuzo. Mwifashishe urutonde rwatanzwe rw'ibyifuzo byo gusengera ku rwego rw'isi.*

### **Ijambo ry'Imana Dusengera – Yakobo 1:13**

“Kuko bidashoboka ko Imana yoshya n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha.”

**“Kuko bidashoboka ko Imana yoshya n'ibibi”**

*Data, turagushimira ko wohereje Yesu ngo adutsindire kandi aneshe ikibi mu cyimbo cyacu. Iyo turi kumwe nawe nta mwijima uhaba, haba ineza n'umucyo gusa. Tuzi neza ko watsinze icyaha n'urupfu kandi ukaba uri kuduhindura mu ishusho yawe. Dufashe guhange amaso kuri Wowe!*

**“Cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha”**

*Nyagasani, turagusabye ngo utujyane kure y'ibigeragezo byatuma dutandukana nawe. Twigishwe kujya kure y'ibyo kamere yacu irarikira bidushuka, kandi uduhe guhanga amaso yacu kuri Kamere yawe yera. Dufashe kwanga ibyo wanga kandi dukunde ibyo ukund.*

### **Ibindi Byifuzo byo Gusabira**

**Gushima no Guhimbaza:** Shimira Imana imigisha yaguhaye kandi uhimbaze Imana kubwo kugira neza kwayo.

**Kwatura:** Fata iminota mike yo kwatura wenyine wiherereye kandi ushimire Imana kubw'imbabazi zayo.

**Kuyoborwa:** saba Imana ngo iguhe ubwenge bwo gukemura ibibazo ufite kandi igufashe no mu byemezo ufata.

**Itorero ryacu:** gusabira ibikenewe mu itorero tubarizwamo ndetse n'inzego z'itorero ku isi.

**Ibyifuzo by'aho dutuye:** Sengera ibyifuzo itorero rikeneye muri iki gihe, umuryango, n'abaturanyi.

**Tega amatwi kandi usubize:** fata umwanya wo kumva ijwi ry'Imana kandi usubirishe guhimbaza cyangwa indirimbo.

**Indirimbo Mwifashisha:**

1. Tubane N' Umwami (#40)
2. Nd' Uwawe, Mwami (#130)
3. Nkomeze Njye Niringira (#39)
4. Ndusheho Gusa Nawe (#131)

## **AMASEZERANO TWISHYUZA MU MASENGESHO**

### **Amasezerano yerekeranye no guhabwa Umwuka Wera**

1. “Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy’itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo, nawe azabavubira imvura y’umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe” Zekariya 10:1.
2. “None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, so wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye” Luka 11:13.
3. “Ariko Umufasha ariwe Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye niwe uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose. Kandi ubwo azaza azatsinda ab’isi, abemeze iby’icyaha n’ibyo gukiranuka n’iby’amateka” Yohana 14:26; 16:8.
4. “Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko unyizera, imirimo nkora na we azayikora ndetse azakora n’iyiruta, kuko njya kwa Data. Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. Nzagikora” Yohana 14:12-14.
5. Aransubiza ati: “Ijambo Uwiteka atumye kuri Zerubabeli ngiri ati: ‘Si kubw’amaboko kandi si ku bw’imbaraga, ahubwo ni ku bw’Umwuka wanjye.’ Niko Uwiteka Nyiringabo avuga” Zekariya 4:6.

### **Amasezerano yerekeranye n’isubizwa ry’ amasengesho**

1. “Nimuguma muri jye, amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa. Yohana 15: 7
2. “Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” Abaheburayo 4:16
3. “Ni cyo gitumye mbabwira nti “Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona” Mariko 11:24
4. “Unyambaze ku muni w’amakuba no kuw’ibyago, nzagukiza nawe uzanshimisha. Zaburi 50:15

5. “Ndababwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose, bazagikorera na Data wo mu ijuru.” Matayo. 18:19
6. “Kandi ibyo muzasaba mwizeye muzabihabwa byose.” Mat. 21:22
7. “Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we. Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye nzagikora. Yohana 14:13, 14
8. “Uwo muni ntacyo muzambaza. Ni ukuri ni ukuri ndababwira icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha. Kugeza none ntacyo mwasabye mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa ngo umunezero wanyu ube wuzuye.” Yohana 16:23, 24
9. “Iki nicyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk’uko ashaka. Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n’uko duhawe ibyo tumusabye.” 1 Yohana 5:14, 15

#### **Amasezerano yerekeranye n’imbaraga z’Imana**

1. “Hari ikinanira Uwiteka se? Mu gihe cyashyizweho, iki gihe cy’umwaka nikigaruka nzakugarukaho, Sara abyare umuhungu.” Itangiriro 18:14
2. “Uwiteka ari bubarwanire, namwe mwicecekere.” Kuva. 14:14
3. “Yesu arabitegereza arababwira ati: Ibyo ntibishobokera abantu, ariko ku Mana ko si ko biri; kuko byose bishobokera Imana. ” Mariko 10:27
4. “Ibahamagara ni iyo kwizerwa, no kubikora izabikora” 1 Abatesalonike. 5:24
5. “Nzi yuko ushobora byose, kandi nta kibasha kurogoya imigambi yawe yose.” Yobu 42: 2
6. “None ubwo bimeze bityo tuvuye iki? Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu umubisha wacu ni nde? Mbese ubwo itimanye umwana wayo ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n’ibindi byose? ” Abaroma 8:31, 32
7. “Imana si umuntu ngo ibeshye, kandi si umwana w’umuntu ngo yicuze. Ibyo yavuze, no gukora ntizabikora? Ibyavuye mu kanwa kayo no gusohoza ntizabisohoza? Kubara. 23:19

8. “Mbese ntiwari wabimenya? Ese nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Imana umuremyi w’impera z’isi ntirambirwa ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka. Niyo iha intege abarambiwe kandi utibashije imwongeramo imbaraga. Abasore b’imigenda bazacogora baruhe, n’abasore bazagwa rwose. Ariko abategereza Uwiteka bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukishe amababa nk’ibisiga, baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora.” Yesaya 40: 28-31

### **Amasezerano yerekeranye no kurindwa n’Imana**

1. “Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.” Yosua 1: 9
2. “Dore ndi kumwe nawe, nzakurindira aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu, kuko ntazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye.” Itangiriro 28:15
3. “Dore ndatuma Malayika imbere yawe akurindire mu nzira akujyane aho nakwiteguriye” Kuva. 23:20
4. “Ariko niba uzashakirayo Uwiteka Imana yawe, uzayibona nuyishakisha umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose.” Gutegeka kwa kabiri: 4:29
5. “Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya.” Yeremiya. 33: 3
6. “Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n’agasozi bizaringanizwa, n’ahagoranye hazagororwa n’inzira zidaharuwe zizaharurwa. Maze icyubahiro cy’Uwiteka kizahishurwa kandi abantu bose bazakibonera rimwe, kuko akanwa k’Uwiteka ariko kabivuze. ” Yesaya: 40: 4, 5
7. “Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, Nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho” Zaburi: 32: 8
8. “Uwiteka ubwe azakujya imbere, azabana nawe ntazagusiga, ntazaguhana. Ntutinye, ntukuke umutima.” Gutegeka kwa Kabiri 31: 8
9. “Ni nde wubaha Uwiteka? Azamwigisha inzira akwiriye guhitamo.” Zaburi : 25:12



10. “Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, nawe azajya akuyobora inzira unyuramo.” Imigani. 3: 5, 6
11. “Maze nutabaza Uwiteka azagutabara, nutaka azavuga ati “ndi hano” “Niwukuramo agahato no kuvuga nabi, ukihotorera umushonji ugahaza umunyamubabaro, umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima, kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y’ihangu. Uwiteka azajya akuyobora, azahaza ubugingo bwawe mu bihe by’amapfa, azakomeza amagufwa yawe. Uzamera nk’urutoki rwuhirwa, kandi uzaba nk’isoko y’amazi idakama” Yesaya: 58:10, 11
12. “Maze ubwo bazaba batarantabaza nzabatabara, kandi bakivuga nzumva” Yesaya: 65:24

#### **Amasezerano yerekeranye n’abantu bafite umutima wahindutse**

1. “Nzabaha umutima wo kumenya yuko ari jye Uwiteka, bazaba ubwoko bwanjye nanjye nzaba Imana yabo, kuko bazangarukira n’umutima wabo wose.” Yeremiya 24: 7
2. “Kandi ibyo mu mutima wawe no mu rubyaro rwawe bituma iba nk’imibiri itakebwe, Uwiteka Imana yawe izabikuriramo kugira ngo ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose, ubone uko ubaho.” Gutegeka kwa kabiri: 30: 6
3. “Nzabaha n’umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk’ibuye, mbashyiremo umutima woroshye.” Ezekiyeli: 36:26
4. “Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku muni wa Yesu Kristo.” Abafilipi 1: 6
5. “Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.” 2 Abakorinto 5:17
6. “Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” Abagalatiya 2:20

7. “Imana y’amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n’Umwuka wanyu, n’ubugingo n’umubiri byose birarindwe, bitazabaho umugayo ubwo umwami wacu Yesu Kristo azaza.” Ibahamagara niyo kwizerwa no kubikora izabikora.” 1 Abatesalonike 5:23, 24

### **Amasezerano yerekeranye no kubabarira**

1. "Maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanjye nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu.” 2 Ngoma 7:14
2. “Kuko wowe Mwami uri mwiza, witeguye kubabarira, kandi wuzuye imbabazi ku bakwambaza bose.” Zaburi 86:5
3. “Kandi nimuhagarara musenga hakaba hari umuntu wabagiriye nabi, mumubabarire kugira ngo na So wo mu ijuru nawe ababarire ibyaha byanyu.” Mariko 11:25
4. “Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk’uko Imana yabababariye muri Kristo.” Abefeso 4:32
5. “Ariko nitwatura ibyaha byacu, niyo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” 1Yohana 1: 9
6. Nimuze tujye inama niko Uwiteka avuga” Naho ibyaha byanyu byatukura nk’umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk’ubwoya bw’intama bwera” Yesaya 1:18
7. “Ubwanjye ni njye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira ku bwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi.” Yesaya 43:25
8. “Kuko nzabababarira gukiranirwa kwabo kandi icyaha cyabo sinzakibuka ukundi” Yeremiya 31:34
9. "Ni we waduhesheje gucungurwa kubw’amaraso ye, ariko kubabarirwa ibicumuro byacu nk’uko ubutunzi bw’ubuntu bwayo buri”. Abefeso 1: 7

### **Amasezerano yerekeranye no gutsinda icyaha**

1. “Kuko icyabyawe n’Imana cyose kinesha iby’isi, kandi uku niko kunesha kwanesheje iby’isi, ni ukwizera kwacu.” 1Yohana 5: 4

2. “Ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n’uwadukunze.” Abaroma. 8:37
3. “Ariko Imana ishimwe, iduha kunesha kubw’Umwami wacu Yesu Kristo.” 1 Abikorinto 15:57
4. “Ntutinye kuko ndikumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe, nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo, ariko gukiranuka kwanjye.” Yesaya 41:10
5. “Kandi ikigeretse kuri byose mutware kwizera nk’ingabo, ari ko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro.” Abefeso 6:16
6. “Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera umwana w’Imana wankunze akanyitangira.” Abagalatiya 2:20
7. “Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira” Abafilipi 2:13
8. “Ndavuga nti: “Muyoborwe n’Umwuka” kuko aribwo mutazakora ibyo kamere irarikira” Abagalatiya 5:16
9. “Imana nyir’amahoro izamenagurira Satani muni y’ibirenge byanyu bidatinze. Ubuntu bw’Umwami wacu Yesu Kristo bubane nawe. Amen.” Abaroma 16:20
10. “Kandi ntimwishushanye n’ab’iki gihe ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose ” Abaroma 12:2
11. “Ntimugakunde iby’isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby’isi gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we.” 1 Yohana 2:15

### **Amasezerano yerekeranye no gukiza indwara**

1. “Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, ugakora ibitunganye mu maso yayo, ukumvira amategeko yayo, ukitondera ibyo yategetse byose, nta ndwara nzaguteza muzu nateje abanyegiputa, kuko arijye Uwiteka ugukiza indwara.” Kuva 15:26
2. “Ibihindizo byawe bizaba ibyuma n’imiringa, kandi uko iminsi yawe ingana, niko intege zawe zizangana.” Gutegeka kwa kabiri 33:25

3. “Mutima wanjye himbaza Uwiteka, ntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose. Niwe ubabarira ibyo wakiraniwe byose, agakiza indwara zawe zose, agacungura ubugingo bwawe ngo butajya muri rwa rwobo, akakwambika imbabazi no kugirirwa neza nk’ikamba, agahaza ubusaza bwawe ibyiza, agatuma usubira mu busore bushya, bumeze nk’ubw’ikizu.” Zaburi 103:2-5
4. “Ntiwishime ubwenge bwawe, ujye wubaha Uwiteka kandi uve mu byaha. Bizatera umubiri wawe kuba mutaraga, Ukagira imisokoro mu magufwa yawe.” Imigani 3: 7, 8
5. “Yarasuzugurwaga akangwa n’abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk’umuntu abandi bima amaso natwe ntitumwubahe. Ni ukuri intimba zacu nizo yishyizeho, imibabaro yacu niyo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk’uwakubiswe n’Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n’imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha.” Yesaya 53:3-5
6. “Nkiza Uwiteka nzabona gukira, undokore nzarokoka, kuko ari wowe shimwe ryanjye.” Yeremiya 17:14
7. “Nzakugarurira amagara yawe, kandi nzagukiza inguma zawe, niko Uwiteka avuga.” Yeremiya 30:17
8. “Ariko rero nzabazanira kumera neza n’agakiza kandi mbakize, ndetse nzabahishurira amahoro n’ukuri bisesekeye.” Yeremiya 33:6
9. “Ariko mwebweho abubaha izina ryanjye, izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo, maze muzasohoka mukinagire nk’inyana zo mu kiraro.” Malaki 4:2
10. “Muri mwe hariho urwaye? Natumire abakuru b’itorero, bamusabire bamusize amavuta mu izina ry’Umwami. Kandi isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi Umwami amuhagurutse, kandi naba yakoze ibyaha azaba abibabariwe.” Yakobo 5:14, 15

## **Amasezerano yerekeranye no guhabwa imbaraga zikubashisha gukora ibijyanye n'ubushake bw'Imana**

1. “Nicyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w'inyuma asaza, umuntu wacu w'imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye, kuko kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye. Natwe ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ni iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose” 2 Abakorinto 4:16-18
2. “Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari” Abagalatiya 6:9
3. “Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.” Abafilipi 4:13
4. “Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.” Abafilipi 2:13
5. "Ariko arampakanira ati:” Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ariho imbaraga zanjye zuzura.” 2 Abakorinto 12:9

## **Amasezerano Yerekeranye no kuba Abahamya b'Imana**

1. “Mwe kugira ubwoba ngo mutinye. Kera sinabikubwiye nkabigaragaza? Namwe muri abagabo bo kumpama. Hariho indi Mana ibaho itari jye? Ni koko nta kindi gitare, ubwange sinkizi.” Yesaya 44:8
2. “Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye” Yesaya 60:1
3. “Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi” 2 Abakorinto 5:18
4. “Ariko Uwiteka arambwira ati: Wivuga uti: ‘Ndi Umwana kuko abo nzagutumaho bose uzabasanga kandi icyo nzagutegeka cyose nicyo uzavuga’ Yereimiya 1: 7
5. “Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpama i Yerusalemu, n'i Yudaya yose n'i Samariya, no kugeza ku mpera y'isi.” Ibyakozwe n'intumwa 1:8

6. "Ariko mwebweho muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera n'abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry'iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza." 1 Petero 2: 9
7. "Ahubwo mwubahe Kristo mu mitima yanyu ko ariwe Mwami, kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu y'ibyiringiro mufite, ariko mufite ubugwaneza, mwubaha" 1 Petero 3:15.

## **KWIZIHIRA ISABATO ISOZA IMINSI CUMI**

Tegura Isabato ya nyuma y’Iminsi Cumi y’amasengesho mu kwishimira ineza y’Imana n’imbaraga zayo. Sangiza abandi uburyo wabonye imbaraga zo gusenga ndetse n’inkuru nziza y’agakiza mu gihe cy’Iminsi Cumi ishize. Wishimire ibyo Imana yakoze, ibyo irimo gukora, n’ibyo igiye gukora.

Ibikenewe kuri buri torero birihariye, rero mugerageze gukorana n’abayobozi b’itorero mu gutegura gahunda yanyu yihariye y’itorero ryanyu. Izi ni zimwe mu ngingo wakwifashisha utegura Isabato isoza.

### **Insaganyamatsiko ya 2025:**

*Ariko Igihe Musenga ... (Amahame yo Gusenga aturuka kuri Yesu)*

### **Isomo Rigendana n’Insanganyamatsiko:**

“Databuja, twigishe gusenga.” (Luka 11:1).

Data wa twese uri mu ijuru,

Izina ryawe ryubahwe,

Ubwami bwawe buze, Ibyo ushaka bibeho mu isi, Nk'uko biba mu ijuru.

Uduhe none ibyokurya byacu by'uyu muni, Uduharire imyenda yacu, Nk'uko natwe twahariye abarimo imyenda yacu,

Ntudahane mu bitwoshya, Ahubwo udukize Umubi,

Kuko ubwami n'ubushobozi n'icyubahiro ari ibyawwe, None n'iteka ryose. Amen.

(Matayo 6:9-13).

### **Indirimbo zakwifashishwa:**

Hanga Amaso Umukiza (#221)

Nshikamye ku Masezerano (#216)

Nimbon' Amahoro (#34)

Yesu Mwami W'Abami (#146)

Har'Isoko (#12)

Data Mwiza, Nyigiza Hafi (#147)

Nkuyoboke Mwami (#38)

### **Ibitekerezo byo Kugufasha mu Kibwirizwa**

Ikibwirizwa cy'umuntu umwe: Reka Pastoro, umukuru w'itorero, cyangwa umuyobozi w'icyiciro cy'amasengesho abwirize ikibwirizwa kigufi cyerekeranye n'uburyo twashyira mu bikorwa amahame yo mu Isengesho ry'umwami wacu.

### **Cyangwa**

Incamake: Muhe umwanya abitabiriye Iminsi Cumi y'amasengesho maze buri wese afate umunota 1- 2 atange incamake ya buri cyigisho mu byatanzwe mu gihe cy'iminsi icumi y'amasengesho. Havugwe icyigisho cyizwe, isomo ryashingiweho, n'icyamufashije cy'ingenzi (mubitegure mbere ku buryo izo ncamake ziguma hagati y'umunota 1-2, umunota umwe uhwanyeye n'amagambo 125-150)

### **Cyangwa**

Ibiganiro bigufi bivuga ku Nsanganyamatsiko: Mutoranye abantu batatu b'imyaka itandukanye, batange ibiganiro bigufi nko mu minota 5-7 byerekeye ku nsanganyamatsiko yatoranyijwe, urugero nk'Isengesho ry'Umwami wacu cyangwa inkuru z'amasengesho zo muri Bibiliya.



## **Ibitekerezo ku zindi gahunda**

Ubuhamya bw'abizera ku masengesho yasubijwe, gusengera hamwe mu matsinda mato, gutangaza amatangazo y'ibikorwa byo gusenga biteganyijwe mu minsi iri imbere, n'ibindi bikorwa by'ubugiraneza, inkuru z'abana, no guhitamo indirimbo zatoranyijwe, n'ibindi.

**TURASABA IMANA NGO YUMVE KANDI ISUBIZE AMASENGESHO YANYU!**

\*\*\*\*\*